# Ibintu Bitanu Biranga Itorero Nyakuri Ry'Imana Nzima

Jeffersonville, Indiana, USA

11 Nzeri 1960

1 Urakoze, mwenedata Naville Umwami aguhe umugisha. Muby'ukuri ni ubuntu ngiriwe bwo kuba ndi hano kuri uyu mugoroba. Nejejwe cyane n'uko Imana Yatwemereye kuhaba. Ndasa n'utaguwe neza no kuba imbere y'ibyuma bifata amafoto. Nkunda … Mukomeze, nimuyafate. Ntacyo bitwaye. Nyafite mu jisho. Nibyo. Nzirikanye ukuboneka kwabo. Kandi, ibyo ntacyo bitwaye. Ni byiza. None, harashyushye buhoro. Twabonye Ubutumwa bubiri bw'agatangaza bw'Umwami.

2 Kandi ubu, kuri uyu mugoroba, natekereje, Benshi mu nshuti zanjye bari hano bari bukore urugendo rurerure mu modoka... Bamwe baturuka mu majyepfo ya Kentucky. Ndabona mwenedata Welch Evans n'umuryango we hano, b'i Tifton, muri Georgie. Nabonanye n'abantu bari bari hano, bo muri Californie. Hari abari hano, bo Mubudage n'ahandi hantu hatandukanye, bose bari hano, aha hantu hato, kubwo gukorera Umwami. Kandi ndabona mushiki wacu Nellie Cox. Ndizera ko nyirabukwe n'abandi bari hano. Kandi bari bugende bishobotse urugendo rwa za mayilo nyinshi kubwo gusubira imuhira i Kentuky, muri Georgie, hariya muri Tennesse, iyo ruguru muri Ohio, nshuti zanjye muri hano. Inshuti yanjye, mwenedata Ted Dudley, yakoze urugendo rwose kugera aha, kuva i Phoenix, muri Arizona. Hari n'abandi benshi hano, niba nashoboraga kubatondagura bose, baje kubwo kubana natwe uyu munsi. Mirongo cyenda ku ijana muri bo, sinabashije ndetse no kubakora mu kiganza. Ndabona inshuti zanjye za Chicago, n'ahandi hafi ya hose. Ni abantu bangahe bari hano b'abashyitsi muri uyu murwa? Muzamure ikiganza. Mirongo cyenda ku ijana y'abateraniye hano.

None, bagizwe n'inshuti zinyuranye zaturutse mu matorero anyuranye y'imihanda yose mu gihugu.

3 Kandi iki gitondo nabwirije igihe kirekire, nasengeye abarwayi kumara isaha n'igice, kubw'ibyo ndasa n'uwasaraye. Nuko biri bube ngombwa ko mbwiriza igihe kigufi mbere yo gukomeza, nk'uko bavuga, mu muvuduko wa kabiri.

Hari Mwenedata Lee Vayle, mu kanya nabashije kumuha ikiganza, umwe mubo twafatanyaga; wo mu Itorero ry'Ababatisita, muri Ohio.

Ese ni wowe, Ben? ["Amena!"] Sinari nakumvise na none uvuga "Amena," iyo bitaba ibyo mba nakumenye. Buri wese azi Mwenedata Ben. Kandi nzi ko atuye hanze y'umugi, none, sinzi neza … Utuye hehe ubu, Mwenedata Ben? Border, muri Indiana.

4 Muby'ukuri tunejejwe n'uko muri hano, buri wese muri mwe. Kandi none, singiye kubafata igihe kirekire, urebye ubwinshi bw'ibilometero muri bugende mu modoka. Nifuzaga rwose kubasha kujyana buri wese muri mwe imuhira, kuri uyu mugoroba. Ngomba kugenda hafi mu masaa tatu, hagati ya saa tatu na saa yine za mugitondo, kandi njye - nifuzaga rwose kubasha kujyana namwe. Ndabona inshuti yanjye, hano, wo muri Arkansas, umudamu we. Si wowe... Umwami yavuze, kandi akarondora ibyo bintu, hano, undi mugoroba? Uraranganije amaso, aho, abashya kandi n'inshuti za kera. Nanone, Imana izi intego z'umutima wanjye, ukuntu nifuzaga kubabona kandi nkabageza imuhira, kandi tukaganira igihe kirekire. Ariko, umunsi umwe, tuzabikora, Hariya aho tutazongera na hato kuvuga, tuti "Ni ngombwa kwihuta. Ni ngombwa kujya kureba abana. Hari urwaye. Ibyo byose, icyo gihe bizaba birangiye, kuri uwo Munsi ukomeye. Ndizera ko tuzongera na none guhura inshuro nyinshi.

5 Intego yanjye, ubu, igihe nkitegereje Umwami, ni ukubona icyerekezo ngomba gufata... None, kuwa kabiri, nzaba nifuza amasengesho kurenza uko nigeze na rimwe kuyifuza mu buzima bwanjye bwose. Nabasabaga ko mwansabira. Njyewe - nzakenera amasengesho yanyu. Ntimuzabure kunsabira. Uko ibintu bizagenda, kuwa kabiri, bibasha kugira umumaro ukomeye kuri njye, no ku Itorero, no ku kigendererwa cya Kristo. Nuko rero, ntimubure kunsengera.

6 Nuko, none, kugeza mbonye icyerekezo ngomba gufata n'icyo ngomba gukora, ntegereje Umwami. Hagati aho, nzaguma hafi y'Ihema, aha, nzajya mpaza buri gihe: nzabwiriza, nzasengera abarwayi, nzakora icyo nabasha gukora cyose. Twifuzaga, umunsi umwe, niba Leta itadukomye mu nkokora, twifuzaga kubaka urusengero aha, urusengero rwiza aho tuzaba dufite imyanya ihagije yo kwicarwamo, icyumba cy'ingenzi n'ibaraza, n'ibindi bikenewe kugira ngo muby'ukuri rube urusengero rwiza, ubushyuhe cyangwa ubukonje bigenzurwa, kugira ngo bibe bibereye abantu kuhicara bakurikira amateraniro - niba batwemereye tukabikora. Ibyo nibyo twizera. None, nimudusengere.

7 Kandi ubu, kuri uyu mugoroba, tugiye kureba ingingo yo nari nabasezeranije, muri iki gitondo, iyo nagombaga kuvugaho kuri uyu mugoroba, niba bibaye ubushake bw'Umwami. Kandi biraza kuba nk'inyigisho, bitewe n'ijwi ryanjye. Ndifuza kuvuga kuri uyu mugoroba ku ngingo igira, iti "Ibintu bitanu bidashidikanywaho biranga Itorero ry'ukuri... Ibihamya bitanu by'Itorero ry'ukuri, cyangwa ibiranga, Itorero ry'ukuri.

8 None, mbere yo kureba iyi ngingo ikomeye kandi isaba byinshi, ngiye gusaba ko havugwa ijambo ry'Isengesho. Ngiye gusaba umushumba wacu, Neville, ko yabasha kuza agasenga kubw'Ijambo ry'Imana. Mu gihe tukirebera hamwe muri Matayo, igice cya 16, umurongo wa 18 kubwo gutangira, Matayo 16:18,

mu gihe Mwenedata Neville akiza kubw'isengesho ryo guhumuriza. [Mwenedata Orman Neville ayobora mu isengesho. Amina. Ese mwashyizemo inyongeramajwi yose? Ese byose birakora? Byose birakora? Ese ni indangururamajwi? Indangururamajwi nziza? Ese muranyumva neza? Aho inyuma, ese muranyumva? Nuko. Nibyiza.

9 Ndifuza gusoma muri aka kanya, mu gitabo cya Matayo, mu gice cya 16 umurongo wa 18. Ngiye gutangirira ku murongo wa 17.

Yesu aramusubiza, ati "Urahirwa Simoni wa Yona; … ntabwo ari Umubiri n'Amaraso byaguhishuriye ibyo, ahubwo ni Data uri mu Ijuru.

… njyewe, ndakubwira ko uri Petero, kandi ko kuri iryo buye nzahubaka Itorero ryanjye, kandi ko amarembo y'ikuzimu atazarishobora na hato.

Imana yongere imigisha yayo ku Ijambo ryayo.

10 Hari Ijambo Itorero muri buri ngingo natoranije, kuri uyu mugoroba, kugerageza kubabwira; imwe muri zo, ni igira, iti "Ese Itorero ni iki? Ninde warishinze? Ubutumwa rifite ni ubuhe? Ni gute duhinduka urugingo rwaryo? None dushobora kujya mu Ijuru tutabaye urugingo rwaryo?

Nyamara, twabasha kumara amasaha kuri imwe muri izi ngingo aha, mukuzigaragaza neza. Ariko ndifuza gusa gufata ingingo nke z'ingenzi, kubwo kugaragaza icyo Itorero nyakuri ari cyo. Nuko, none, ndifuza ko muba mufite Bibiliya yanyu.

11 None, mbere na mbere, ijambo Itorero ubwaryo rishaka kuvuga, "Abahamagariwe gusohoka." Rero, Isirayeli ntiyitwaga itorero, igihe cyose itari yasohoka muri Egiputa. Yitwaga imbaga y'imana. Ubwo bahamagarwaga gusohoka muri Egiputa, nibwo biswe itorero ry'Imana, kuko bari bari bahamagariwe gusohoka.

Nyamara, ni nako bimeze muri iki gihe. Ijambo Itorero rishaka kuvuga, « Abahamagariwe gusohoka, » abahamagariwe gusohoka, abatandukanijwe, abahinduwe ukundi.

12 None, mu Isezerano rya kera, Itorero rizwi ry'icyo gihe ryitwaga « Ubwami bw'Imana, » Ubwami bw'Imana. None, ndakura ibyo mu ruhererekane rw'ibihe rwa Bibiliya. Mu Isezerano rya kera, Itorero ryitwaga « Ubwami bw'Imana. » Ni ukuvuga ko, Imana ari Umwami, kandi Itorero ari Ubwatsi bwayo. "Ubwami bw'Imana," mu Isezerano rya kera.

Mu Isezerano rishya " Ubwami bwa Mesiya." Yoo! Nkunda ibyo; bwa Mesiya. Ni ukuvuga ngo, " Ubwami bwa Mesiya," aho Mesiya ayobora kandi aganje. Nta mupaka numwe w'idini nta na kimwe, Mesiya arayobora mu Bwami Bwe. Birahebuje gutekereza ibyo. Si ko biri? Ubwami bwa Mesiya. Nuko, Itorero ntabwo ari ishyirahamwe, Itorero ntabwo ari iteraniro ry'abantu. Itorero ni Ubwoko bw'Imana, bwahamagariwe gusohoka mu isi, kugira ngo bakorere mu bundi Bwami.

13 Dore ikintu gikwiriye kuba gisubirwamo. Hashize amezi make, njye n'umudamu wanjye, twajyaga mu gace k'ubucuruzi, nuko twabonye ikintu kidasanzwe: Hari hari umugore mu muhanda, yari yambaye ijipo. Aah! Nti mwakwizera ibyo, nyamara ni ukuri, twaramubonye. Nuko umudamu wanjye yarambwiye, ati " Itegereze biriya."

Naravuze, nti "Agomba kuba ari umudamu w'umukristu. Aratandukanye cyane." Biteye isoni.

Icyo gihe, ikibazo cyarahagurutse kigira, kiti "Bishoboka bite Billy, ko twe, nk'Abakristo, kandi bafite Ukwizera muri iyi myizerere dufite, byashoboka bite ko iwacu twakwambika amakanzu abadamu, ko twatuma bakora batyo? Ese sicyo kimwe n'abantu b'ayandi matorero? Yo, bambara ubwo bwoko bw'imyambaro hariya, imyambaro migufi, kandi gutyo? Ntushobora guhamya ko bafite imyitwarire mibi."

Naravuze nti "Ni ukuri sinabasha gucira umuntu urubanza. Ariko, ubarebye, "Ni ku mbuto zabo ubamenyeraho; birashoboka ko badakora icyaha nyirizina, ariko kuri bo hari umwuka ubasunikira ku myifatire idakwiriye.

14 Nyamara Yesu yaravuze, ati "Umuntu wese witegereza umugore kubwo kumuheheta aba yarangije gusambana nawe mu mutima." None, igihe uwo munyabyaha azabazwa ko yakoze ubusambanyi, ninde uzabibazwa? Nyirabayazana. Umugore wiyambitse ubusa. Mubasha kuba mwera nk'ururabo rw'ihogoza rwo mu mibande y'imigezi kubwo kwifata, nyamara niba mwarigaragaje mu myambaro ya mahenure imbere y'abantu, nubwo muri inzirakarengane kubwo kuba mwakoze igikorwa, mwateye umugabo kugira intekerezo mbi kubwanyu; mu gihe ryari ikosa ryanyu. Yesu yavuze ko muzacirwa urubanza rwo "Gukora ubusambanyi." Kandi "Umusambanyi ntazinjira na rimwe mu Ijuru."

15 Ariko, mu kuzenguruka isi, mbona yuko buri shyanga rifite umwuka waryo w'umwihariko. Kandi amahanga yose agenzurwa na satani. Leta zose satani azifite ho uruhare. Nicyo Bibiliya ivuga. Barashyamirana, bagirana intambara, kandi nibyo bazakora kugeza Yesu agarutse, kandi icyo gihe

azashyiraho Ubwami butazongera kubamo intambara. Nyamara Satani yaravuze ko Ubwami bwose bw'isi ari ubwe, kandi ko yabukoresha icyo ashaka. Yabivugiye n'imbere ya Yesu Kristo. Kandi bose ni ibikoresho bya Satani, Ubwami bwa satani. Satani yabwiye Yesu ati « Ndabiguha, niba umfukamiye kandi ukandamya. »

Yesu yari azi ko yajyaga kuzabiragwa mu Bwami bw'imyaka igihumbi, nuko yaravuze, ati « Genda Satani. » Yari azi ko Imana izamuha Ubwami bwose, ko Ubwo buzaba ubwe kandi ko azaburemamo bwose Ubwami bumwe rukumbi.

16 Iyo ugiye mu Budage uhasanga umwuka w'Abadage. Ujya mu Bwongereza, ukahasanga Umwuka w'Abongereza. Ujya muri Suwedi, ukahasanga Umwuka wa gisuwedi. Ujya mu Bufaransa, ukahasanga umwuka w'abafaransa. Waza muri Amerika, ukahasanga umwuka wa kinyamerika.

Hashize igihe gito, nahagaze kuri mutagatifu Ange, i Roma, kandi nifuzaga kureba imva z'abahowe ukwizera kwabo. Kandi ntunguwe cyane, nuko mbega impuguro ikaze kuri njye w'Umunyamerika, imbere y'irembo ry'imva, aho winjirira hari handitse ngo « Kubwo abagore b'Abanyamerikakazi ? Mbere yo kwinjira aha, musabwe kwambara kubwo guha icyubahiro abapfuye. » Icyo gihugu cyaguye nanone hasi, biteye ubwoba, iyo ugeze aho. None, murabona, kubera ko …

17 Igihe kimwe, nabajije umudamu nti "Uri umukristu?"

Yaravuze, ati "Ndi Umunyamerikakazi. Bigaragara ko ndi Umukristu." Ibyo ntasano bifitanye na busa.

Mwenedata Bonoth yabajije umudamu, umugoroba umwe, yaravuze, ati "Uri umukristu, mushiki wanjye?

Yaravuze, ati "Muzi ko nkongeza buji buri mugoroba." Nk'aho ibyo byari bifitanye isano runaka n'ubukristu, ibyo, byo gucana buji. Ubukristo ntaho buhurira n'ibintu nk'ibyo. Kandi Itorero ry'Imana ntirigira aho rihurira n'ibyo bintu byahimbwe.

18 None, ni iki gituma abagore … Ntitubahata na rimwe, abadamu, bakora ibyo. Ntabwo duhata na rimwe abagabo bacu kureka kunywa, kureka kurahira. Tubwiriza ubutumwa bwiza, ni ibyo, kandi twerekana icyitegererezo cya Bibiliya. Abantu benshi binjira mu myizerere ya Gipantekote, n'imyizerere y'Abo kwera, barahayoboka, kandi bakora umuhango wo guhinduka batyo, mu gihe mu mitima yabo, batari bo. Abagore benshi bakora nk'ibyo. Ntabwo tubabwira ko ari itegeko ko babikora. Tubereka icyitegererezo, nibyo. Tubabwira icyo Bibiliya ivuga, kandi niba barabyawe n'Umwuka w'ijuru, icyo gihe Umwuka wabo ntufite ishusho y'Abanyamerika; ntufite ikimenyetso cy'Abadage. Ufite ikimenyetso cy'ijuru, ahari Ubwami bw'Imana. Kubw'ibyo turi abo mu bundi Bwami, Ubwami bw'Imana, ahari ukwicisha bugufi, ukwera n'imbaraga.

19 Dufite uburenganzira bwo kugera ku Mwami wacu dufitanye imishyikirano na we, igihe cyose twifuje ko Umwami aza. Nta wundi muvugizi dufite, ntawundi muhuza hagati y'Umwami natwe, uretse uwo muntu, Yesu Kristo, We ubwe. Nuko, dutuye mu Bwami. Kandi ubwo ngubwo bwiswe mu ruherekane rwa Bibiliya, "Ubwami bwa Mesiya. Ni ukuvuga, aho Mesiya ayobora, buri Bugingo buri mu Bwami bwe, aho ayobora Ubugingo bw'ubwoko bwe, - ishyanga ryahamagariwe gusohoka bava ahantu hose. - Abahuriza mu itsinda, iryo yita "Itorero Rye," cyangwa "Abe, bahamagariwe gusohoka." Ibyo, ni byiza, siko biri?

20 Nyamara, Isirayeli yabaye ubwoko bw'Imana, kugeza ( Ibyakozwe n'intumwa 7:38, niba mwandika), kugeza ubwo biswe Itorero ry'Imana, kubera ko bahamagariwe n'Imana, gusohoka muri Egiputa, gusohoka mu isi, kuva muyandi matorero, kuva muyandi madini, kugira ngo bagendane n'Imana yonyine.

Kandi none, nicyo kimwe n'Itorero ry'Imana, uyu munsi; ryahamagariwe gusohoka mu bintu byose by'isi, ryahamagariwe gusohoka mu madini yose, ryahamagariwe gusohoka mu mashyirahamwe yose ya kidini, kugira ngo rigendane n'Imana. Ritayobowe n'Umwepisikopi, ahubwo riyobowe na Kristo, muri ubwo bwami bwa Mesiya aho dutuye. Umwami ni Kristo. Kristo ni we Mwami.

21 Nuko rero, Kristo abubereye umuyobozi. Kristo ni umuyobozi w'ubwo Bwami bwa Mesiya. Kandi ntushobora guhindura Ubwami Kristo abereye umuyobozi ikindi kintu cy'ihuriro ry'abantu. Ntushobora gukora idini ry'Umwami Kristo abereye umuyobozi kubera ko Kristo abubereye Umwami. Kandi ntushobora gukoresha ubwenge bw'umuntu kugira ngo ureme ikintu cy'ihuriro ry'abantu ngo kizayoborwe na Kristo. Kubera iyo mpamvu, amasosiyete yose, ubwoko bwose, itsinda ry'abantu ryose, abagerageza guhindura Ubwami bw'Imana ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini), baba banyuranyije n'Umwami. Kandi niba bagiye kunyuranya n'Umwami, byaba ari ukwigomeka ku Mwami, byaba ari ikintu cya antikristo, ibyo ni ikintu gishishana bihagije. Iyaba gusa nari mfite ijwi rirenzeho, nakagaragaje ibyo kuburyo burushijeho. Ni ikintu kiri antikristo. Kandi niba mushaka kunyihanganira iminota mike, ngiye kubigaragaza. Umwuka wa antikristo, ushaka kwigarurira abantu kandi ubahamagarira kuva mu kintu cy'ihuriro ry'abantu (idini) bakajya mu kindi, ubateraniriza mu ihuriro ry'abantu (idini), ibitarigeze na rimwe biba ubushake bw'Imana. Abantu iteka bamvuzeho byinshi, kubera ko narwanyaga ku buryo bukomeye ibintu by'amahuriro y'abantu (amadini). Ntabwo ari abantu bayarimo ndwanya, ni uwo mwuka wo kuganza utuma abantu batekereza

bati "Ni twebwe, ubwo bwoko."

22 Ubwoko bw'Imana, ni ubwoko bwahamagariwe gusohoka. Nizera ko bari mu madini yose. Bashobora kuba bari mu bagatorika, mu baporotesitanti, mu bayuda. Bashobora kuba ari ubwoko ubwo aribwo bwose bw'itorero. Ariko Itorero nyakuri, ni umubiri w'ubwiru utaboneka wa Kristo Yesu.

Nyamara, ntushobora guhindura umubiri w'ubwiru utagaragara wa Kristo, ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini). None, buri muntu uza kuri Kristo, asohoka mu isi, akinjyira muri Kristo, akinjira mu mubiri w'ubwiru utaboneka we. Nuko muba muri urugingo rw'uwo mubiri igihe mwinjiye muri iryo torero, mukaba mwarahamagariwe gusoka kandi mukaba mwarinjiye muri uwo Mubiri w'ubwiru utagaragara, kubwo umubatizo. Murabyumva? Ntabwo ari uw'Abametodisite, uw'Ababatisita, uw'Abapantekote, uw'Abinazareti, uw'Abagenzi b'ukwera, uw'Abagatorika, ahubwo Umubiri wa Yesu Kristo. Umubiri wa Kristo, ni Itorero.

23 Nyamara, yarigereranije, mu migani myinshi, nk'urugero rw'umugabo n'umugore. Yita Itorero "Umugeni." Kandi umugore ntaba akiriho wenyine, n'umugabo ni uko ntabwo baba bakiri abantu babiri. Baba babaye umwe. "Ni umubiri w'umubiri we, ni igufa ry'igufa rye." Kandi rero iyo umugabo cyangwa umugore bahamagariwe kwinjira mu Mubiri w'ubwiru utagaragara wa Kristo, kubwo Umwuka wera , bahinduka ingingo zuzuye z'uwo mubiri, igihe bujujwe Umwuka wera. Kubw'ibyo yafashe umwuka wari muri Kristo yazuye umubiri, iwicaza ku ntebe y'Ubwami, Kandi yagaruye Umwuka wera, kugira ngo haremwe Umubiri w'ubwiru utagaragara wa Kristo, ariwo uzateranirizwa hamwe, ku ifunguro ry'Ubukwe. Ku kuza k'Umwami. Ntiwabasha kurihindura ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini). Ni ubwiru.

24 Yesu yabwiye Nikodemo, ati "Umuyaga uhuha aho ushaka. Ntumenya aho uva n'aho ugana. Ni uko bimeze ku muntu wese ubyawe n'Umwuka." Ntiwabasha gusobanukirwa ibyo. Bituruka ahantu runaka. Ntabwo ari Metodisite. Ntabwo ari Ababatisita. Ntabwo ari Pantekoti. Ntabwo ari ishyirahamwe na rimwe. Ni ivuka: Kwinjizwa no kuvukira mu Bwami bw'Imana.

Nuko rero, kugerageza kubuhindura ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini), rero ibyo bihinduka ikintu kiri antikristo, kubera ko, icyo ari cyo cyose kinyuranye n'inyigisho ya Kristo, ni antikristo.

25 Ariko rero, icyo kintu cy'ihuriro ry'abantu (idini), cyatangiriye he? Yesu, igihe yari ku isi, ntiyigeze na rimwe ashinga ikintu na kimwe cy'ihuriro ry'abantu, nk'Itorero. Yavuze ku Itorero, Ryajyaga kuza, ariko ntiyigeze ashinga ikintu cy'ihuriro ry'abantu nk'Itorero. Ntihigeze kubaho Itorero na rimwe rishinzwe nk'ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini); mbere y'imyaka amajana nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma. Kandi itorero rya mbere ryashinzwe nk'ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini) ryabayeho ku isi ryabaye itorero Gatorika ry'Abaroma. Mfite Abihayimana mbere y'inama ya Nicee, Igitabo cy'abahowe Imana cya Foxe, inyandiko za Josephe, Ibihe bya kera cya Pemberman, n'ibindi bitabo byinshi by'abanditsi bakomeye b'amateka yakera. Kandi ntahantu na hamwe, handitse, ku rupapuro na rumwe rw'amateka, ko haba harabayeho Itorero ryashinzwe nk'ihuriro ry'abantu (idini) mbere y'itorero Gatorika ry'Abaroma; byari bitandukanye n'iby'Imana.

Ntifite itangiriro n'iherezo. Ese ntiyari izi ko ibyo byajyaga kubaho? Kandi niba ari ikintu cy'agahomamunwa, ntiyajyaga kuburira Itorero ryayo hakiri kare? ["Amina!"] None, ndizera ko musobanukiwe kurushaho impamvu ndwanya amadini, atari abantu bari mu madini, ahubwo ko ndwanya amadini … Ibyo nta kindi kitari antikristo, buri rimwe muri yo.

26 None, muravuga, muti "Mutegereze umunota, nizeraga ko mwabwirizaga gusa Bibiliya."

Nimureke Bibiliya ibivuge, rero. Tuyifate muri aka kanya nuko dusome akanya. Dufatanye mukureba Ibyahishuwe, igice cya 17. Ibi ni uguhishurirwa kwa Yesu Kristo, ku Itorero Rye; Itorero ryahamagariwe gusohoka. Ibyahishuwe 17. Kandi tugiye kugerageza kwihuta uko bishoboka. Ariko, nimwitegereze neza, ubu, mugihe dusoma.

> *… Umwe mu Bamarayika barindwi bari bafite inzabya indwi, aza aho ndi nuko arambwira, agira ati "Ngwino hano, kandi ndakwereka urubanza rwa Maraya ukomeye wicara ku mazi menshi;*

None, ibi byose biri mu bishushanyo by'amarenga, kubera ko ari uguhishurwa kwa Yesu Kristo, birafunzwe. Mwari mubizi? Ni ikintu gihishe, kandi kibasha gusa guhishurwa, atari kubw'igitekerezo cy'ubwenge, ahubwo gihishujwe Umwuka wera, bikozwe n'impano z'Umwuka. "Ufite ubwenge abare imibare y'inyamanswa. Ufite ubwenge, impano y'ubwenge, akore ibi, kandi akore biriya." Kandi ibi ni uguhishurirwa.

27 Nyamara, buri wese azi ko, igihe umugore agaragajwe ni igishushanyo, muri Bibiliya, ni kubwo kugaragaza Itorero. Itorero rya Kristo ryitwa "Umugeni." Pawulo yaravuze, ati "Nabarangiye Kristo, nk'Umwari utanduye."

None, aha turavuga umugore utumvira, ni umugore wifata nabi. "Ngwino hano, kandi ndakwereka,"

Malayika niko yabwiye Yohana, “Urubanza rwa maraya ukomeye wicaye ku mazi menshi.” None, “Umugore wicaye ku mazi menshi.” Ibyo bifite ishusho y'ubwiru bukomeye, nyamara byose biri hano, Bibiliya irabisobanura.

Umurongo wa 15, w'icyo gice, kugira ngo murebe icyo “Amazi” ashushanya.

> *Nuko arambwira, ati “Amazi wabonye, aho maraya yicaye, ni amoko, … Ikivunge cy'abantu, … Amahanga n'indimi.*

28 Rero, amazi uriya mugore yari yicayeho, yari hejuru, yari afite “Amahanga, amoko, ibivunge by'abantu n'indimi,” munsi y'ubuyobozi bwe. Yagenzuraga ibyo byose, umugore; umugore wifata nabi.

Nyamara, iyo umugore yifata nabi, iyaba twari tuzi uko bavuga ibyo ku mugore, ku buryo busanzwe, kubyerekeye umugore, twajyaga kumenya ko aca inyuma umugabo we umugabo we. Ni uko babyita. Nuko, yagerageza kugaragaza ko ari indahemuka ku mugabo mu gihe amuca inyuma. Siko kuri?

None, rero ni itorero rivuga ko Kristo ari umugabo waryo, kandi rifite inyigisho itandukanye n'inyigisho Ye. Ni indaya. Kandi afite amoko, ibivunge by'abantu n'amahanga munsi y'ubuyobozi Bwe.“ Noneho, turabona ishusho.

29
> *… Uwo abami bo mu isi basambanye na we; kandi abatuye isi basindishijwe na vino y'ubusambanyi bwe. Kandi abatuye ku isi basindishijwe na vino y'ubusambanyi bwe.*

Ubusambanyi, icyo ni iki? “Ubwandu, kuba wanduye.” Ni indaya. Afite ubwandu muri we, kandi abatunzi bo mu isi, abami n' abantu bakomeye, amahanga n'ibivunge by'abantu, basambanye na we, bagize uruhare mu bikorwa bye bibi. Murabona aho bizabagera. Siko biri? Murabona?

30 None, sinjye wabazwa kuba haranditswe ibi; ariko kandi, niba ntabyigishije; kuri ibyo nzabibazwa. Aah! Ni byo ni Itorero tuvugaho, aho. None, niba mubibona, mu gihe dukomeza imbere nanone buhoro.

> *Nuko anjyana ndi mu Mwuka mu butayu; nuko mbona umugore wicaye ku nyamanswa itukura …*

Ngiye kugenda mvuga kuri ibi bishushanyo by'amarenga uko ngenda nkomeza kujya imbere. Nuko, itukura, ni “Umutuku.” Kuruhande rumwe, umutuku, ni ibara ryiza. Ku rundi ruhande, ni ibara rivugwa nabi, umuriro utukura, ibara rigaragaza ibyago, umutuku. « Yari ifite ibara ritukura, ry'umutuku, maraya.

« Kandi we yari yicaye ku nyamanswa.“ Inyamanswa, muri Bibiliya igaragaza ”Imbaraga.“ Nimwitegereza, hari abakozi b'Imana benshi ndababona bakora ikimenyetso bemeza ko ari byo; ko ariko biri, kubera ko ari abigisha ba Bibiliya. Inyamanswa igaragaza ”imbaraga.“ Turabona izo nyamanswa zo muri Bibiliya, zo mu Byahishuwe 13 no muri Daniyeli, zavuye mu mazi (inyanja); inyamanswa, imbaraga, byakomotse hagati mu bantu.

31 Ariko, mwabibonye? Mu Byahishuwe 13, mu gihe Leta Zunze Ubumwe zazamutse, niyo nyamanswa rukumbi ya Bibiliya, igihe yazamutse, itaraturutse mu mazi. Bibiliya ivuga ko yavuye mu butaka, ahatari abantu. Bwari ubwo bwami bushya. Kandi yasaga n'Umwana w'intama, ariko nyuma y'igihe gito, yavugaga nk'ikiyoka. Ni iki gihugu. Ibyo ntakindi byabasha gukora, keretse gusohora. Umunsi umwe, bazakora ikosa, bazatora utari ukwiriye. Bazashyiraho “Farawo utazi Yosefu.” Bagerageje kubikora mugihe cyashize, kandi bazongera kubikora, niba batazabigeraho kuri iyi nshuro. Bizasoza bibayeho. Bibiliya irabivuga. Sindi umunyapolitiki. Impande zombi ni abantu batari abo kwizerwa. Njyewe, ntora Yesu Kristo. Niwe wenyine unshishikaje. Nyamara, ndabibabwiye, mwaba mukoze neza muramutse mushishoje neza ubu, niba mwifuza ko abana banyu bagira ubwisanzure. Sinzi uko igihe gisigaye kingana. Musenge. Ni byiza cyane.

32
> *Mufite iki? Nuko anjyana ndi mu mwuka mu butayu; kandi mbona umugore (Itorero) wicaye ku nyamanswa itukura, inyamanswa ifite ibara ritukura, yuzuye amazina yo gutuka Imana, ifite imitwe irindwi n'amahembe icumi.*

“Imitwe irindwi” hirya cyane, aha, haravugwa: “Imitwe irindwi” yari ifitwe n'inyamanswa “ Ni imisozi irindwi umurwa wubatseho.” None, ni uwuhe murwa wubatswe ku misozi irindwi? Roma, neza neza, umurwa wubatswe ku misozi irindwi; Itorero, umugore, maraya uzayoboresha isi ubutware bwe. Turebe, ni ibigaragara neza nanone nko gusoma ikinyamakuru. Murabona? Muby'ukuri.

33 Noneho...

> *Kandi umugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'umuhemba (utukura) (umugore, itorero rikize) kandi arimbishijwe izahabu n'amabuye y'agaciro gakomeye n'imparagarita, …*

Ni mubanyereke inshuro imwe aho baba barishyuye imisoro. Ni munyereke aho batswe imisoro ku kintu icyo aricyo cyose. Babarekera ubwisanzure bwose, bakora icyo bifuje cyose. Kandi nyamara, kandi

nyamara Imana ifite abana muri bo. Ibyo, niko biri.

Nyamara uko biri kose, ipanu ntiyabwira inkono ko ifite umwanda. Kenshi, Abaporotesitanti bazavuga, bati " None, Abagatorika, bishe runaka, runaka na runaka." Ninde wishe Joseph Simith? Sinemeranya nawe, nyamara yari afite, byinshi nk'ibyange, uburenganzira bwo gutanga inyigisho ye hano muri Amerika. Kandi ni Itorero ry'Abametodisite ryishe Joseph Simith. Mu marembo y'umugi wa - wa Salt Lake City, bashyizeho icyapa kinini, aho; kigira kiti "Abametodisite, mwitondere ibibugu by'abamorumo. Ni ukuri. Ni Itorero ry'Abametodisite ryishe Joseph Simith. Abaporodesitanti! None, ntimuvuze induru ku byerekeye Abagatorika. Ni mwitegereze neza, mukanya gato cyane, Bibiliya irabivuga nabyo.

34 *… Amabuye y'agaciro kanini … Imaragarita, afite mu ntoki ze igikombe cya zahabu cyuzuye ibizira by'imyanda y'ubusambanyi bwe, inyigisho ze, ibyo yakwirakwizaga, abami b'isi banywaga ibyo.*

Umuntu wese Wabasha kwizera ibyo, yabasha no kwizera ibinini bya vitamin bya Mwenedata Jagger, ko babasha kuminjagira amazi ku mugore washakanye n'umugabo hashize imyaka mirongo itatu kandi wabyaye umwana mu nzira zidafututse, kugira ngo bamuhindure bundi bushya isugi no kumwohereza mu buriri bw'Abageni iryo joro n'umugabo we." Umuntu wese Wabasha kwizera ko amazi ahawe umugisha yatuma ibyo bibaho, yabasha kwizera ibyo aribyo byose. Niko kuri.

Nyamara abami b'isi bakora ibintu nk'ibyo. Bakora ibyo kugira ngo babashe kubaho no kumva bafite amahoro. Mu ndiba y'umutima wanyu, muzi ko mwaboze. Hakenewe amaraso ya Yesu Kristo kubwo kubeza. Nyamara rero, nimubirebe, ryabaye itorero rya mbere ryahindutse idini (ikintu cy'ihuriro ry'abantu), Bibiliya irabivuga, aha,

35 *Mu ruhanga rwe hari handitswe izina, UBWIRU; BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI.*

None nimwitegereze, neza. Turemeranya twese. Kandi n'ibitabo ndetse by'Itorero ry'Abaroma, ibitabo ndetse by'itorero Gatorika birahamya bivuga ko aho ari itorero ry'Abaroma. Ibitabo byabo bwite birabihamya. Mfite icyitwa "Ukuri k'ukwizera kwacu" aricyo cyonyine uwihaye imana (umupadiri) yabasha kugira. Ni umudamu w'umunyagatorika wahindukiriye itorero ryanjye … Yari afite umuhungu wari warihaye Imana (umupadiri), nuko yampaye icyo gitabo. Nyuma y'ibyo yamuteye ubwoba ngo agaruke mu itorero(idini gatorika); yaraje kugira ngo yongere agifate, ariko sinashatse kukimusubiza. Nakigumanye nk'ikimenyetso, nifuzaga kumenya ibyo navugaga. Igihe mvuga ikintu runaka, ni ngombwa ko nkivuga nkizi neza. Imana Izambaza ibyo.

36 Nuko, nimwibuke, yiswe "UBWIRU, BABULONI" Tuzi ko ari Itorero Gatorika. Ariko nimurebe, ni "NYINA W'ABAMARAYA" Maraya, ni iki? Ni cyo kimwe n'umugore w'umusambanyi. Rero, ariya "Mashyirahamwe ya kidini yasohotse he? Dore nyina. Dore icyo bari cyo, mu ntangiriro (mbere). None, muravuga muti 'Ibyo nibyo antikristo.' Ni ukuri. None, niba aribyo, ari antikristo, none amashyirahamwe atari aya kidini yacu yo ameze ate? Ni nkuko rwose maraya ameze n'umugore w'umusambanyi. Nicyo kimwe; 'Barasambana, bakora ubusambanyi,' bemera inyigisho zipfuye kubwo intekerezo n'ubuhanga bw'abantu. Nk'uko Bibiliya ibivuga; bigisha nk'inyigisho z'amategeko y'abantu." Icyo nicyo muri iki gihe bita Itorero, ikintu kirwanya Ubwami bw'Imana.

37 Ni nko mu Isezerano rya kera. Imana yifuzaga kuba Umwami wa Isirayeli, mbere y'uko bahinduka Itorero, kandi Yari we kuri bo, Umwami. Nuko bari bafite umuhanuzi, Samweli, umugabo w'intwari, muri icyo gihe, yarababwiye ko yari We, niba barifuzaga kugira Umwami. Nyamara bifuzaga kumera nk'abandi. Bifuzaga kumera nk'Abafilisitiya.

Icyo nicyo kibazo cy'Abaporo. Igihe ibintu bigenda neza, ni ibintu bibarenze, ni ngombwa ko bashyiramo akabuye k'umunyu kabo. Igihe Umwuka wera yabamanukiye, hashize imyaka mirongo ine, kandi imbaraga zigatangira gusukwa, nuko bagatangira kubyina, gutera urusaku no kuvuga mu ndimi, byabaye ngombwa ko bashyiramo akabuye kabo k'umunyu, byabaye ngombwa ko babibyazamo idini. Nuko itsinda riraremwa, n'Agacyo gake k'Izina, Yesu Kristo, nuko bo babise abantu b' « Ikibazo gishya, » nuko baraciwe. Hanyuma bakoze idini ryitwa A.P.J.C, mu magambo arambuye ni Amateraniro ya Gipantekote ya Yesu Kristo. Habayeho agace gato hagati yabo, ku kibazo cyo kumenya niba azaza ku ifarashi y'umweru, cyangwa ku buryo azazamo, nuko bakoze irindi shyirahamwe ryiswe A.P.M ; mumagambo arambuye « Amateraniro ya Gipantekoti ku isi hose. Yoo! Nyuma habayeho Itorero ry'Imana. Nyuma y'ibyo, bacitsemo ibice, kubera ikibazo cy'Ubuhanuzi, nuko bakora irindi shyirahamwe. Igihe cyose mubikoze, musohoka mu bushake bw'Imana. Umwuka wa antikristo.

38 Itorero ry'Imana rifite ubwisanzure bwose. Itorero ry'Imana ntirizitiwe n'imipaka iyo ariyo yose, kuko, uhereye ku nyanja ukageza ku yindi, byose n'iby'Imana, abantu bose bakomoka ku isi, ni abe. Yaba Umugatorika, Umuporo, uwo ari we wese. Imana ishaka ufite umutima utaryarya. Kandi twakijijwe kubwo kwizera, tumwizera. Ibyo nibyo Torero. Nuko, murabona, Itorero ntabwo ari ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini).

Kandi igihe cyose mubonye "Ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini)" nimubyibuke, "Antikristo" aba acyanditseho. Ni aha, muri Bibiliya. Ibyo byabasha kumvikana neza igihe mbisomyemo, aha. Njyewe - mfite incuti zikomeye zicaye aha, bari mu kintu cy'ayo mahuriro (idini), simvuze ko mwebwe, muri antikristo. Nyamara ikiri inyuma y'ibyo byose, kandi umuntu yavuga ko umwanzi yangije ibintu cyane, kuburyo biba ngombwa ko mugira ikintu nk'icyo, bitabaye ibyo, ntibazabemerera ndetse kubwiriza. Ni nako bimeze ku mahanga. Ntimushobora kuba umuntu udafite igihugu. Ni ngombwa ko mugira igihugu ahantu runaka. Ni ngombwa ko muba, Umunyamerika, cyangwa Umudage, cyangwa undi wundi, murabona, byarangiritse, hose.

39 None, muby'ukuri, Umukristo w'ukuri, wavutse bwa kabiri, ni nk'inzererezi. Mumaso y'ab'isi, ni umuntu wataye inzira. Ariko mu Maso y'Imana, ni uwagaciro gakomeye. Nakunda ko tubona igihe cyo gufata Abaheburayo 11, kugira ngo turebe abo barwanyi bo kwizera. Aburahamu, yavuze ku mugaragaro ko yari umugenzi n'umwimukira yavuze ko iyi si yari ubuturo bwe, ariko yazereraga ava aha ajya hariya, yashakaga umudugudu, uwawuteguye n'uwawubatse ari Imana. "Kandi twe, niba twarapfiriye muri Kristo, duhinduka urubyaro rw'Aburahamu, kandi turi abaragwa be, kubw'Isezerano." Nuko rero, Ibyo biduhindura iki? Abagenzi n'abantu b'inzererezi.

40 Igihe Isirayeli yasohotse muri Egiputa. Hari hari Abamowabu, igihugu gikomeye cya kidini. Hari hari nanone Esawu, igihugu gikomeye cya kidini. Kandi dore Isirayeli ihingutse, yari idafite idini. Umwe n'undi, kuburyo ngenderwaho, yakoraga bijyanye n'Ijambo. Nimwibuke, Balamu yatanze igitambo kimwe n'icyo Isirayeli yatangaga, icyo Imana yasabaga, ibitambo birindwi bidafite inenge, imfizi z'intama indwi, icyagaragazaga ukuza k'Umukiranutsi. Ku buryo bw'umwimerere, bombi bari bafite ukuri, tuvuze kubyuryo bw'umwimerere. Nyamara icyo Baramu atabashije kugira, ntiyabashije kugira ikidasanzwe muri Isirayeli, iryo tsinda ritari rifite idini. Batari bafite ahantu ho kujya, bazereraga, nyamara bari bari mu rugendo berekeje ahantu runaka.

Ni uko Itorero ry'Imana nzima rimeze muri iki gihe. Ntirifite idini, kuby'isi. Ariko riri mu bumwe, atari kubw'umurunga wa kidini ahubwo Imbaraga n'Umwuka bya Yesu Kristo, kubw'umurunga w'urukundo.

41 Hamwe n'ibyo, Umumetodisite n'Umubatisita bazakubitana mu mugongo bavuge, bati " Mwenedata w'agaciro gakomeye," igihe babona ko batabasha kugendana niba badahamanya.

Abantu baravuga, bati "Uri Umukristo? »

« Ndi Umubatisita. » Ibyo ntibisubiza ikibazo, habe namba. « Niba ndi Umukristo? Ndi Umupantekote. » Ibyo ntabwo bisubiza ikibazo.

Niba uri Umukristo, muri icyaremwe cyavutse ubwakabiri. Muri mu Ubwami bw'Ubwiru bw'Imana. Amaso yanyu ntatumbiriye ibintu by'iyi si, ahubwo ku bintu byo mu Ijuru. Kandi nicyo gihe muba muri mu Itorero. Ibyo nibyo Torero. Ntabwo ari ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini). Ibyo ntibizabasha na rimwe kuba ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini). Mufate neza ibyo mbabwira. Itorero ry'Imana nzima ntirizabasha na rimwe kuba agatsiko k'abantu runaka. Ntiribasha kuba ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini). Ribasha kuba gusa Umubiri w'ubwiru, Umwuka wera. Hirya kure gato, niba tubonye igihe ibyo tuzabiva imuzi.

42 None, ubu murabona Itorero icyo ari cyo? Itorero, bishaka kuvuga itsinda ry'abantu "Bahamagariwe gusohoka." Ubwoko bwahamagariwe gusohoka, buyobowe gusa n'Umwami w'Ubwo Bwami bwa Mesiya. Yoo! Birahebuje, ibyo; siko biri? [Iteraniro riravuga, riti "Amina!" N.D.E] Nkunda ibyo. Igihe nasomye ibyo mu … Uyu munsi. Kandi igihe aho havugwa ngo "Ubwami, Ubwami bwa Mesiya." Umwanditsi yabigaragaje atya "Ubwami bwa Mesiya." Umwanditsi yaravugaga nanone, ati "Itorero ry'Imana nzima ntiryigeze na rimwe riba ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini), ibyo nta na rimwe. (Byabayeho). Ikintu cy'ihuriro ry'abantu (idini), n'ikintu cyemejwe, cyinjizwa, kubwo gusimbura."

43 Muby'ukuri, ni muri ubwo buryo inyigisho z'ibinyoma zinjijwe, kubwo gusimbura iz'ukuri. Ni kubw'ibyo uwo mugore yari afite igikombe mu ntoki ze cy'imyanda y'ibizira bye. None, murabona, simvuze … Abapantekote nabo bacirwa urubanza kimwe n'Abagatorika cyangwa Abagenzi b'Ukwera, cyangwa Abinazareti , cyangwa Ababatisita, cyangwa Abametodisite. Nyamara, muri ayo matorero yose ya kidini, Imana ifite abana. Babarirwa muri ubwo Bwami bw'ubwiru. Icyo bategereje, nuko babona habaho icyo kintu kizareshya umutima wabo kubwo kubinjiza. Nejejwe cyane no kumenya, kuri uyu mugoroba, ko baturuka iburasiraziba n'iburengerazuba, mu majyaruguru n'amajyepfo: babisohokamo, bararamye, bategereza ukuza k'Umwami. Bibiliya ivuga ko bazakora ibyo, mu minsi ya nyuma. Ni ukuri rwose. Iravuga, iti "Ko bazava iburasirazura bakajya iburengerazuba mu majyaruguru bakajya mu majyepfo, kubwo gushaka Ijambo ry'ukuri ry'Imana; inzara atari iy'umugati n'amazi, ahubwo yokumva Ijambo ry'Imana."

Icyo bifuza kuri mwe ni iki « Ni muze muyoboke ibi. Ni muze muyoboke ibi." Nta na kimwe kiriho cyo kuyobokwa, mu Bwami bw'Imana, ntihariho ikintu na kimwe rwose mwabasha kwifatanya nacyo. Ni ikintu kikubaho, cyo kwinjira kubwo kuvukira mu Itorero; kandi atari ukuryinjiramo kubwo kuriyoboka. None, ndabivugaho bishobotse hafi igihe kirekire mu munota. Nanditse aha ibindi bice by'Ibyanditswe.

44 Ariko ubu, tujye ku gitekerezo cya kabiri, kuko tugiye kugerageza kureba ingingo zose. Ninde wawushyizeho, uwo Mubiri w'ubwiru? Ninde waremye uyu nguyu? Yesu Kristo. Kandi ni … Niwe Mutwe w'uwo Mubiri w'ubwiru. Awubereye Umwami, akora ubushake bwe bwite mu Bwami bwe. Atari ubuyobozi bw'Umwepisikopi (Musenyeri), cyangwa ubuyobozi bw'inama y'Itorero, ahubwo Umwami, ni ukuvuga Mesiya we bwite, akorera mu bwatsi bwe bwite. Ese ibyo byatangiye ryari? Kuri Pantekoti. Atari umuryango cyangwa ishyirahamwe (idini) Pantekote; ubuzima bwa Pantekoti. Aho niho byatangiriye muri mwe. Yamenyesheje ibyajyaga kuzaza. Yavuze kubyajyaga kubaho. Yavuze ko byajyaga kuza.

45 None, niba tubyifuza rwose, dufate Luka, igice cya 24, umurongo wa 49, kandi turabona aha, turatangira gusoma ibice bike by'Ibyanditswe kugira ngo abantu bandika babashe kubyandika. Luka 24:49, tujyiye kureba ibyo yavuze.

> *Kandi dore, ngiye kubahereza Isezerano rya Data. Ariko mwebwe, mugume mu murwa wa Yerusalemu, kugeza ubwo muzambikwa Imbaraga ivuye mu Ijuru. [Bibiliya yahinduwe na Darby]*

Nyamara yasezeranije ko Itorero ryajyaga kuza, ko Ubwami bwajyaga kuza. None dufate rero Ibyakozwe n'intumwa 1:8, ariko, nimwibuke, yari nanone yaramenyesheje, muri Matayo 16:18, ko "Kuri iri buye" Azahubaka Itorero rye, kandi ko "Amarembo y'ikuzimu atazarishobora namba." Tujyiye kureba ibyo, mu minota mike, igihe turi bujye ku yindi ngingo. Ibyakozwe n'Intumwa 1:8.

> *Nyamara muzakira imbaraga, Umwuka wera abajeho, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu, muri … Yudaya, … Samaliya, kandi kugeza ku mpera y'isi.*

Ukuza k'Ubwami bw'Abahamya; abahamya b'Umuzuko We, abahamya b'Imbaraga Ye, abahamya ba … B'uko ari muzima. "Muri abahamya banjye," ni ukuvuga, Ibyakozwe n'intumwa 1:8.

46 Kandi turabona na none, mu Befeso, igice cya 1, kugeza ku murongo wa 22, kuri mwebwe abandika ibyo. Haboneka muby'ukuri byinshi byo kwandik, ariko kubwo kugaragaza ibyo neza, kubwo kumenya neza ko muri … Ko mubibona. Ni byiza cyane. Umurongo wa 22 w'Abefeso, igice cya 1.

> *Yashyize byose munsi y'Ibirenge bye (uwo ni Kristo), kandi yamuhaye kuba umutware w'ikirenga w'Itorero, ariryo Mubiri We, kandi ushyitse wuzuza byose muri bose.*

Ninde washinze iryo Torero? "Yesu Kristo. Nabwo ari Umwepisikopi(Musenyeri), ntabwo ari itsinda ry'abantu, ntabwo ari Papa, nabwo ari imbaraga yaremaremwe n'umuntu." Nyamara Yesu yarabivuze, ko hajyaga kubaho Ubwami bwe bwajyaga kuzana n'Imbaraga. "Bamwe mubari hano …" Mu gice cya 16 cya Matayo: "Ni ukuri, ndabibabwira: bamwe mu bari hano ntibazapfa namba, batabonye Ubwami bw'Imana buzanye n'Imbaraga." Rwose iminsi mike nyuma y'ibyo, yarabambwe, nuko Umwuka wera aramanuka. "Bamwe mu bari hano ntibazapfa na hato, batabonye Ubwami bw'Imana."

47 "Ese iki nicyo gihe ugiye gushyiraho Ubwami? Abayuda niko bamubajije.

Yaravuze, ati "Si ibyanyu kumenya igihe cyangwa umwanya, icyo Data yahamije mu gitekerezo cye bwite. Nyamara muzakira imbaraga." Ibyakozwe n'intumwa 1 haragira hati "Muzakira Imbaraga, nyuma yuko Umwuka wera azaza kuri mwe. Muzakira Imbaraga, nyuma y'uko mubaye Umwepisikopi, nyuma y'uko mubaye Umubwirizabutumwa, nyuma yo kuba Papa, nyuma yo kuba uwihaye Imana (Padiri)? Muzakira Imbaraga, nyuma y'uko Umwuka wera azaza kuri mwe." Niwe Muhamya Imana yifuzaga kugira: Umuhamya, nyuma y'uko Umwuka wera aje. Ntabwo ari Umuhamya, kubwo kuvuga ngo njye ndi Umwepisikopi, ntabwo ari Umuhamya, kubwo kuvuga ngo ndi Umushumba. Ahubwo umugabo (w'iki?) w'Umwami wazutse. Ibyo nibyo Torero ry'Imana nzima. Ni byiza cyane.

48 Kandi nanone, mu Abakolosayi 1:17-18, tubasha wenda gusoma ibyo, mu gihe tugihari. Abakolosayi 1, umurongo wa 17 na 18.

> *We, ariho mbere y'ibintu byose, kandi ibintu byose bibaho muri We.*
>
> *Ni Umutwe w'Umubiri, w'Itorero; We, niwe banze, imfura mubapfuye kugira ngo abe muri byose uwambere.*

Ninde Mutwe w'iryo Torero? Yesu Kristo. Ni Bwami ki? Ubwami bwa Mesiya, Itorero, atari idini, ahubwo Itorero, Umubiri w'Ubwiru uwo Yesu abereye Umutwe. Ooh! Nkunda ibyo: Rigenda riyobowe n'Umwuka, ryubaha Umwami. Abadafite ubwenge imbere y'isi (ab'isi), ab'agaciro gakomeye mu Maso y'Imana. Bagenda bayobowe n'Umwuka; batumvwa neza, ibishungero, abantu bashekeje. "Ababaho bose mu Kwera muri Kristo Yesu bazatotezwa. Niba baratoteje Abahanuzi babayeho mbere yanyu, niba barise Databuja wa - Nyiri inyubako 'Belizebulu,' ni gute bazita Abigishwa be!" Nyamara mugenda muyobowe n'Umwuka, mutandukanijwe n'ibintu by'isi, mubohowe imigozi yose. "Uwo Umwana yabatuye ni uw'umudendezo rwose." Amina! Ibyo nibyo Torero ry'Imana nzima. Dore uwarishyizeho (uwaritangije).

49 None, icyo tubona, muri abo bagabo, mu Byakozwe n'intumwa 1:8, Yaravuze, ati "Muzaba abagabo

bo kumpamya, nyuma y'uko Umwuka wera azaza kuri mwe."

Itorero, ese ni iki? Umubiri w'Ubwiru wa Kristo. Ni nde warishyizeho? Umwami Yesu We ubwe. Ntabwo ryashyiriweho i Roma. Ntabwo ryashyiriweho mu Bwongereza namba, na John Wesley. Ntabwo ryashyizweho na Calvin nanone, haba no muri Amerika, mu Ababatisita, na John Simith. Ntabwo ryashyiriweho muri Californie namba, kubw'Abapantekote. Ryashyizweho na yesu Kristo, Umwami w'Ubwami bwa Mesiya. Dore uwarishyizeho. Ni Umwami. Yifuza kuba Umwami. Yifuza kutuyobora. Yifuza kuba Nyagasani. Umwami.

50 Abantu baramureka ngo yinjire, bakavuga bati "Nzamureka abe Umwami," nyamara ntibazamureka ngo abe Umwami. Umwami, bishaka kuvuga "Ukwigarurirwa, kuba munsi y'Ubuyobozi," "Injira mu mutima wanjye, Mwami, unkize kurimbuka, ariko ntumbwire icyo gukora." Dore imyifatire y'abantu. Ni kubw'ibyo; ntibitangaje ko Bibiliya yavuze, iti "Ameza yose yuzuye ibirutsi." Muzi ibirutsi icyo aricyo. "Nk'imbwa igarutse ku birutsi byayo." Niba ayo madini, bitarakunze mu ntangiriro, kandi Imana bikaba byarabaye ngombwa ko iyaruka, ni muyagarukemo, kandi azatuma mwongera kurukwa bundi bushya. Yaravuze, ati "Ndifuza ko uba cyangwa se ukonje, cyangwa se ubize. Kubera ko uri akazuyazi , ngiye kukuruka mu kanwa kanjye. » Muragwa nabi Imana munda, kandi Iraturuka.

51 Nimumbwire idini, igihe riguye ryaba ryarabyutse. Nimunyereke rimwe, mu mateka aho ryaba ryarabyutse. Umuntu azaduka afite Ubukozi, Imana izaha umugisha uwo muntu. Mbere mu itangira azagira ikangura, azaba ari hagati y'abantu kandi azakora idini yifashishije ibyo, kandi dore, ibyo nibyo bitera imbabazi. Nimushakashake mu mateka, kandi mubone rimwe ryaba ryarabyutse. Nta na rimwe, kubera ko ibyo byose, ni umwuka w'antikristo mu bantu.

52 Nk'uko Mose, n'abandi bifuzaga kugira ikintu runaka babasha gukora ku bwabo. « Mwami, uyu mwaka, twagize abayoboke benshi. » Ese ibyo ni iki rwose byabasha guhindura, ibyo, umubare w'abayoboke mufite ? Ntidushaka abayoboke b'Itorero. Turashaka ingingo z'Umubiri wa Kristo, binjira banyuze mu kuvukira mu Bwami bw'Imana, "Atari kubwo ubushake bw'umuntu, ahubwo kubw'Ubushake bw'Imana," atari kubwo umwuka w'umuntu cyangwa kubw'ubuhanga bw'umuntu.

Pawulo yaravuze, ati "Sinaje na rimwe iwanyu nitwaje ubwenge bw'abantu. Naje iwanyu mfite Umwuka w'Imana n'Imbaraga y'Umuzuko We, kugira ngo ukwizera kwanyu kudashingira byaba ku bwenge cyangwa ku magambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, y'abantu, ahubwo ku mbaraga y'Umuzuka wa Yesu Kristo." Ni kubwo kugira ibyo yagiye yo. Imana idufashe kugira ngo dukore nk'ibyo.

53 None, ntitwifuza gutinda kuri buri ngingo. Ubu ndifuza kureba ingingo igira, iti "Iryo Torero rifite Butumwa ki? Ese iryo Torero ryagombaga kwigisha iki? Ni ubuhe Butumwa bwaryo?

Ubutumwa bw'ibanze buje muri njye, ubwo iryo Torero (Umubiri w'Ubwiru) rizigisha, bizaba kwihana. Dufate nanone Luka 24 akanya gato. Luka, igice cya 24. Ikintu cya mbere Itorero rigomba gukora, ni ukwihana; nuko rizigisha ukwihana. None, Yesu aritegura kugenda, ni igice cya nyuma, igihe yitegura kuva ku isi. Luka 24:46, dutangirire ku murongo wa 46.

> *Nuko aramubwira, ati "Niko byanditswe ko Kristo akwiriye kubabazwa no kuzuka mu bapfuye ku munsi wa gatatu,*
>
> *Kandi ko kwihana no kubabarirwa icyaha …*

Yoo! Ndifuza ko ibyo byumvikana neza, kubera ko ngiye kubigeraho, mu munota umwe, ku kintu kijyanye n'ibyo, "Kubabarirwa ibyaha."

> *… Kwihana ku Mana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu Izina rye, uhere i Yerusalemu.*

Kandi mwebwe, muri abagabo b'ibyo. [ Bibiliya yahinduwe na Darby]

54 Yarababajwe,‟ Ibyanditswe niko bivuga. Ni we Umuhanuzi yavugagaho. Bibiliya yose izenguruka kuri We, byose bizenguruka kuri We. Ni iby'ukuri ko yagombaga kumenya icyagombaga kwigishwa. Yagombaga kumenya icyajyaga gukorwa. Nuko yaravuze, ati ”Kwihana no kubabarirwa ibyaha bigomba kubwirizwa amahanga yose, kugira ngo bibe ubuhamya, bwatangiriye i Yerusalemu. Idini, ryo , ryatangiriye i Roma. Itorero, idini ; ryakomereje mu Budage, n'irya Luther; hanyuma mu Bwongereza, n'irya Wesley; hanyuma muri Leta zunze ubumwe z'Amerika, n'irya John Simith; muri Californie, n'irya Gipantekote.

Naho, Itorero, ryatangiriye i Yerusalemu. "Kwihana ku Mana n'Umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha, bitangirira i Yerusalemu. Byakagombye kuba ari mu isi yose. Byakagombye kubwirizwa." Nyamara ubona bike. Nyamara ibyo rwose nibyo yavuze. Ibyo nibwo butumwa bwe, Ubutumwa bw'Itorero. Nimunyereke Itorero ryigisha ibyo. Nimundangire aho riherereye. Ntimuzaribona.

55 None; Yesu ni Umwami - Ubutumwa bwa kabiri. Yesu ni Umwami, kandi ni muzima ibihe n'ibihe. Matayo 28 :20. Yesu ni Umwami, kandi ni muzima ibihe byose. Niko Itoreri ryagombaga kwigisha. Matayo

28 :20.

Kandi mubigishe kwitondera ibyo nabategetse byose. Kandi dore, ndikumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.

Si ukuri? [Itorero riravuga, riti "Amina!". - N.D.E] Abaheburayo 13:8; "Yesu uko yari ari ejo, niko ari uyu munsi, kandi niko azahora ari iteka ryose." Ibyo nibwo Butumwa bw'Itorero: Gukora igikorwa cye, kugaragaza ko yazutse, kandi mugatanga ubuhamya.

None, Ibyakozwe n'intumwa 5:32, ni aho turi burebe niba bo bari bamufite, niba aribyo cyangwa atari byo. Dufate Ibyakozwe n'intumwa, igice cya 5, umurongo wa 32.

Turi abagabo bo guhamya ibyo, hamwe n'Umwuka wera, uwo Imana yahaye abayubaha.

56 Ni ngombwa kumuhamiriza. Muri Yohana 14:12, Atanga inyigisho, icy Itorero ryagombaga gukora. Muri Yohana, igice cya 14; u - kandi umurongo wa 12, tugiye kureba ikivugwa aho. Yohana 14:12 kugira ngo tubisome, kubwo guhindura ibyo ibyahamijwe . Ni byiza cyane. Yohana 14, Kandi umurongo wa 12.

> *Ni ukuri ni ukuri, ndabibabwira, uwunyizera azakora nawe imirimo nkora, azayikora ndetse akore n'iyirutaho, kuko njya kuri Data;*

Ibyo nibwo Butumwa bw'Itorero. "Yesu Kristo uko yari ari ejo, uyu munsi niko ari, kandi niko azahora ari iteka ryose," atuye mu Itorero, Umwami w'Itorero, wazutse mubapfuye. "Uko yari ari ejo, niko ari uyu munsi, n'iteka ryose," asohoza imirimo imwe, rikora ndetse imirimo Yesu yakoze. Ibyo nibwo Butumwa bw'Itorero. Niba Itorero ritigisha ibyo, ryigisha inyigisho yo mu ishuri ipfuye. Ibyo nibyo Yesu yabategetse kubwiriza.

57 Ese n'iki kizabayo kindi? Ni buryo ki tuzamenya niba abo bantu … Baravuga, bati « None, njyewe ndi uwizera. » Turebe ni iki cyabaye inshingano ya nyuma yahaye Itorero rye, ku bizera, Mariko 16. Dufate Mariko, igice cya 16, kandi tujyiye kubona aho, ubwabaye Ubutumwa bwe bwa nyuma ku Itorero, hanyuma turareba niba dusohoza inshingano Ye. Mariko 16, dutangirire ku murongo wa 14.

> *Hanyuma, abonekera cumi n'umwe, ibyo, ni nyuma y'Umuzuko, bagifungura, …*

Dore inshingano yahawe Itorero, none nimwumve, inshingano ya nyuma. Tugiye kwisuzuma, turebe niba turi abizera, cyangwa niba turi muri iryo Torero, niba ari byo cyangwa atari byo.

> *Hanyuma abonekera cumi na babiri, bagifungura, nuko abarega kwinangira umutima kwabo, kubera ko batari bizeye ibyo bari babonye nyuma y'umuzuko … We, wazutse.*

58 Umuntu yari yamubonye. Umuntu yageragezaga kubibabwira, kandi ntibamwizeraga. Ibyo rwose nibyo biriho uyu munsi. Tuzi ko ari muzima, dufite ubuhamya bw'Umwuka wera uri muri twe. Turabona imbaraga Ye ikorera ku bitabira amateraniro, no ku macumi y'ibihumbi by'abantu, no kurondora intekerezo zabo - intekerezo n'imitima yabo, neza neza nk'uko yajyaga abikora igihe yari ari hano. Nk'uko Bibiliya ibivuga: "Ijambo ry'Imana." Kandi Ijambo ry'Imana, ni We. "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana. Kandi Jambo yahindutse Umubiri, nuko atura muri twe." "Ijambo ry'Imana riratyaye cyane, rishoboye kurusha inkota ya mujyi yombi, ririnjira rikagabanya umusokoro n'igufwa, kandi rikarondora intekerezo n'imigambi yo mu mitima." Kristo ati "Ibikorwa nkora, muzabikora nanone." Turamubona abikora. Nibangahe bamubonye abikora? Nibyo rwose. Tuzi ko abikora. Aba aha. Ari mu mitima yacu.

59 Ntibabyizera. Ntibari babyizeye icyo gihe. Ntibabyizera ubu. Bizera ibi "Yarapfuye, kandi ibyo byakemuye ikibazo. Kandi twebwe, icyo dufite, ni ikintu cy'inkuru (amateka), umuntu yaraje hashize imyaka, yashyizeho Itorero, kandi yandika gatigisimu, kandi ni kuri ibyo twishingikirijeho." Ibyo ni ubupagani. Ni byo! Nta kuri na guto kuri muri ibyo. Yoo ! Simvuga « Ukuri » - Birashoboka ko uwo muntu yaba rwose yarakoze ibyo. Birashoboka ko uwo muntu yaba yari … ntawabasha kubihagararaho. Ariko si kuri ubwo buryo Imana igenzura Itorero ryayo. Ntiyigeze na rimwe yifuza ibyo.

60 Igihe basabye kugira Umwami, Samweli yarabahamagaye nuko aravuga, ati « Nifuzaga kubabaza ikintu. Nigeze na rimwe mbahemukira ? Nigeze na rimwe mbaka ifeza (amafaranga) ? Nigeze na rimwe mbabwira ikintu mu Izina ry'Umwami kikaba kitarabaye ukuri ? Imana ntiyifuza ko mwagira Umwami. Irifuza kuba Umwami wanyu.

Yaravuze, ati « Yoo ! Samweli, nibyo, ufite ukuri. Uri Umuhanuzi mwiza. Ntiwatubwiye ikindi kintu kitari ukuri. Ntiwigeze udusaba ifeza (amafaranga). Ibyo bintu ni ukuri. Ariko turifuza kumera nk'abandi. Turifuza uko biri kose kugira Umwami. »

Samweli yaravuze, ati « Ibyo bigiye kubatera agahinda n'intimba. Ibyo bigiye … Agiye kuzabatwara abahungu banyu n'abakobwa banyu. Agiye kuzabashukisha ibintu agiye kuzakora. Ni ibyo agiye kuzakora. » Kandi yarabikoze. Ariko, uko biri kose, bifuzaga kugira umwami.

61 Ni gutyo bakora uyu munsi. Yoo ! Ni ngombwa ko tugira izina runaka babasha kutumenyeraho. Ni ngombwa ko tubasha kubwira abantu, iyo batubajije « Ko turi Abametodisite, Ababatisita. » Ni muvuge gusa ko muri Abakristu, ni ukuri, «nka Kristo.»

… Nyuma y'uko azutse mubapfuye, ntibamwizeraga. Nuko arababwira (nimwitegereze neza, ni inshingano ikomeye) ; ni mujye mu … Ni akahe gace k'isi ? [Iteraniro riravuga, riti « Hose. » - N.D.E] « Yoo !, natekerezaga ko byari gusa, i Yerusalemu. » Umuntu yavugaga ko "ibyo bimenyetso byari byarageze gusa i Yerusalemu."

*… isi yose, kandi mubwirize Ubutumwa bwiza …*

62 Ni bangahe bazi Ubutumwa bwiza icyo ari cyo? Ntabwo ari "Ijambo." Pawulo yaravuze, ati "Ubutumwa bwiza ntibwageze kuri twe mu magambo gusa, ahubwo n'Imbaraga no kwigaraza k'Umwuka wera." Ubutumwa bwiza n'Imbaraga y'Imana, kubwo gukoresha Ijambo icyo rivuga ko rizakora. "Nimubwirize Ubutumwa bwiza, mu isi yose." ... Ibyaremwe byose. Amen!

Mwizera ko ari ibyo neza ibyo bishaka kuvuga? Umunsi umwe, nabonye Imana izibira ikimasa, nayibonye ibuza amavubi ya bushari kudwinga. Nayibonye Ihagurutsa akanyamanswa kitwa Opusumu, kari kamaze ijoro ryose, kagaramye aho, ntabuzima gafite. "Ibyaremwe byose." Ubutumwa bwiza buzagira umumaro, ku bintu byose muzasabira.

Muravuga muti "Ni ibinyoma, mwenedata Branham." Ntabwo ari ibinyoma.

63 Yesu yabwiye kiriya giti, ati "Uravumwe. Uhereye ubu nta muntu uzarya ku mbuto yawe." Nuko Ubutumwa bwiza bwabwirijwe kiriya giti. Amina. Yuu! Ndumva mbaye nk'umunyedini muri aka kanya.

"Ibyaremwe byose." Amina. Mububwirize ibiki? "Ibyaremwe byose." Yoo, niba gusa twari dufite igihe cyo gutwara ibi bintu! Nuko, uzaba yizeye kandi akaba abatijwe azakizwa, …

"Yoo, njyewe, ndizera, narabatijwe." Birahebuje. Ni byiza. Ni byiza cyane. Uzizera kandi akabatizwa azakizwa ; … utazizera azagibwaho n'urubanza.

« Yoo, nejejwe no kuba uwizera." Nimwihangane ho umunota. " Kandi," kandi, ni icyungo cyagenewe kunga ibice by'interuro. Kandi ibi nibyo bimenyetso …

Yoo, natekerezaga ko mutizera ibimenyetso. Ibyo, ni amagambo ya Yesu ubwe. Nimuyajyeho impaka na We.

… ibi nibyo bimenyetso bizagendana … (Ntabwo ari birashoboka ko bazabikora; hato na hato barabikora.) … bizahereza abazaba bizeye …

None, tugiye kureba niba mwizera cyangwa mutizera, tugiye kureba niba idini yanyu yizera cyangwa itizera. Birashoboka ko bavuga ko bizera. Yesu yaravuze, ati "Ibi nibyo bimenyetso bizagendana n'abizera." None, bo, bahakana ibyo bimenyetso.

… Ibi nibyo bimenyetso bizagumana n'abizeye: (kugeza k'uruhe rwego?) mu Izina ryanjye bazirukana abadayimoni, …

64 Kandi mwebwe abatizera gukira indwara kubw'Imana, mwebwe, amatorero! Ibi byafashwe ku mfatamajwi, murabyumva. Simbwira gusa mwebwe. Undi muntu azabyumva. Muvuga ko mwizera Imana kandi mukizera inshingano, ko Itorero ryanyu ryakiriye inshingano yo gutwara Ubutumwa bwiza? Kandi ikintu cya mbere ni ugukiza indwara kw'Imana. Cyabaye ikihe kintu cya mbere Yesu yabwiye intumwa ze, igihe yazohereje? Matayo10:1: "Mukize abarwayi, mwirukane abadayimoni." Cyabaye ikihe kintu cya nyuma yabwiye Itorero Rye? "Mukize abarwayi mwirukane abadayimoni." Alufa na Omega; Benyamini na Rawubeni; uwambere n'uwanyuma; uwahozeho, uriho kandi Uje; Inyenyeri yo muruturuturu, inkomoko y'Urubyaro rwa Dawidi. Haleluya! Ni we. Nibyo mugenzi wanjye. "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera. Mu Izina ryanjye, bazirukana abadayimoni." I Yerusalemu gusa? "Mu isi hose, kandi ku byaremwe byose," ibyo ni Bibiliya? Nibyo bivugwa aho. Ibyo nibyo butumwa bw'Itorero. Isi yose, ibyaremwe byose, Ubutumwa bwiza. Abazizera bose, ibi bimenyetso bizagendana nabo.

65 Mu Izina ryanjye bazirukana abadayimoni bazavuga indimi nshya;

Kandi mwebwe, Abinazareti b'abatindi bo kubabarirwa, ababita agatsiko k'abanyendimi. Ntimunifuza ndetse no kwicarana nabo mu Iteraniro. Biteye ubwoba, eeh! Mugiye gukora iki? Igihe muzasohora mu Ijuru? Yesu yapfuye avuga mu ndimi! Yaravugaga: "Yaravuze, kandi, yavuze mu rundi rurimi." Nibyo rwose yarabikoze. "Yavuze mu giheburayo." Ibyo siko biri. Ntabwo ari inyandiko y' Igiheburayo, ibyo. Yavuze mu rurimi rw'Ijuru.

66 Igihe Abeli yatanze Umwana w'intama we ku rutare, mu gihe umwana w'intama yapfaga, akawukinja. Igishushanyo cya Kristo: hashize igihe kirekire, mu busitani bwa Edeni, umwana w'intama watamatamaga

mu rundi rurimi, arimo gupfa. Cyari igishushanyo, mu gihe ubwoya bwari bwahindutse urwamba rw'amaraso, bwajanditswe mu maraso yayo bwite. Cyari igishushanyo cy'Umwana w'Imana, wamanitswe hariya, i Kaluvari, yashenjaguwe, hamwe n'ibyaha byacu kuri We, arimo gutanga avuga murundi rurimi. "Mana yanjye, Mana yanjye ni iki kikundekesheje?

67 Ibyo nibyo Butumwa bw'Itorero. "Mu Izina ryanjye, bazirukana abadayimoni, bazavuga ururimi rushya." Ibyo nibyo yavuze. Ubwo nibwo butumwa bw'Itorero. Icyo nicyo yategetse Itorero gukora, "Ngo birukane abadayimoni; bavuge indimi nshya."

Bazafata inzoka, kandi nibanywa icyica, icyo ntacyo kizabatwara; barambuye ibiganza kubimuga, … abo bazaba bazima. [Bibiliya yahinduwe na Darby]

Dore inshingano y'Itorero. Dore Itorero nyakuri ryizera.

Ese higishwa ibyo mu Bametodisite, Ababatisita, Abapuresipiteriyene, Abagatorika, Abaluteriyani, Abinazareti, Abagenzi b'Ukwera? [Iteraniro riravuga, riti "Oya." - N.D.E] Oya mugenzi wanjye. Bahakana ibyo. Ikuzo! (ry'Imana) Kubera iki? Babaye idini, ntibashobora. Hari benshi mu bayoboke babo babyizera, nyamara ntiyabasha kugira ijambo avuga kuri ibyo, kubera ko yacibwa. Ni umwuka w'antikristo; utuma bakora idini.

Itorero ry'Imana nzima ryavukanye umudendezo, kubw'Umwuka w'Imana. Ntibakeneye idini na rimwe. Bakurikira Umwami w'Ubwami bwa Mesiya. Ntibakeneye kwemera amabwire y'abantu. Bavukiye mu mudendezo, babohowe n'Umwana, ubahindura ab'umudendezo nyakuri. Ibyo bimenyetso bizagendana nabo.

68 Ubwo butumwa bwiza buzabwirizwa.

Ninde ugiye kububwiriza? Imana yabasha gufata injiji. Imana yabasha gufata amabuye kubwo kuyabyazamo abana b'Aburahamu. Imana ibasha gukora icyo ishaka. Ni Imana, kandi nibwo buryo bwayo bwo gukora ibintu. Igihe yaje, ntiyahamagaye na rimwe Kayafa. Ntiyahamagaye na rimwe umutambyi n'umwe. Ntiyahamagaye na rimwe umuhanga muby'iyobokamana n'umwe. Yafashe abarobyi, abashumba, n'abari injiji batari barize. Bibiliya ivuga ko "Petero na Yohana bombi bose bari injiji ntamashuri bari bafite." Nyamara yabashije kubaha, gukorera muri bo, Ubwami bw'Imana, no guhumisha amaso n'umwuka w'abanyabwenge n'abari bafite ububasha. Bavugaga ko "bari baziko bari abantu b'injiji kandi nta mashuri bari bafite, nyamara byabaye ngombwa ko bamenya ko bari barabanye na Yesu." Kubera iki? Bari bafite Umwuka We kuri bo. Bakoraga nka We. Bakoraga ibintu byo We yari yarakoze. Ni ibyo neza neza yari yaravuze ko byajyaga kubaho: Ubwami bwa Mesiya. Ooh, uburyo nejejwe n'ibyo bintu! "Dore ibimenyetso bizajyendana n'abizera." Ni iby'ukuri. Ibimenyetso bizagendana nabo.

69 None, ikindi kintu iryo Torero rizigisha, kizaba ugukiza indwara kw'Imana, nk'Ubutumwa bw'Itorero. Maze kuwuvuga, Matayo 10, igihe yohereje Itorero Rye. Dufate rero Matayo 10:1. Kugira ngo turebe, akanya gato. Nimwitehereze neza icyo Yesu yavuze, igihe yahaye inshingano Itorero Rye no kuriha ikerekezo.

> *Nuko, aha abigishwa be cumi na babiri, kandi abaha Ubutware bwo kwirukana imyuka mibi, kuyirukana, no gukiza uburwayi bwose n'ubumuga bwose.*

Inshingano ya mbere yahaye Itorero Rye.

70 Inshingano ya nyuma ni iyi "Mugende mu isi yose, mubwirize Ubutumwa bwiza. Uzizera akabatizwa." Nimureke nkusubiremo kuburyo nyabwo, kuburyo biba bisobanutse neza - "Nimugende mu isi no mumahanga yose, kandi mugaragaze Imbaraga y'Umwuka wera. Uzizera ibyo kandi akabatizwa azakizwa. Uzabirwanya azagibwaho n'urubanza. Dore ibimenyerso bizagendana n'abizera: Bazarambika ibiganza ku barwayi abo bazakira; bazirukana abadayimoni; bazavuga indimi nshya. Ibyo nibyo bimenyetso bizajyana na bo. Umurongo wa nyuma uravuga, uti:

Nuko basubirayo … Umwami yafatanyaga na bo kandi ahamirisha Ijambo Rye ibimenyetso byagendanaga naryo.

71 Ni gutyo Itorero rya mbere ryari rimeze. Kandi, nimwumve, Yesu yaravuze, ati "Ndi igishyitsi cy'Umuzabibu, muri amashami." Kandi niba ishami ryera, ry'umuzabibu, kandi icyo gishyitsi cyera cyera inzabibu, irindi shami rizamera rizera neza neza ikintu kimwe nk'icy'ishami rya mbere.

Yoo! Muravuga, muti " Mwenedata Branham, ariko none nimwitegereze amatorero yose ahari. "Yo, ni ibishyitsi by'imizabibu byabanguriwe.

None, ubasha kubangurira imicungwe. Ubasha gufata igiti cy'irongi, ukagitera ku giti cy'indimu, kandi icyo kizamera. Ibyo, nibyo mwebwe, icyo umuntu ateraho. Icyo kizaguma kuba igihe cyose indium. Icyo kizamera, kuberako cyasohotse ku izina ry'Itorero. Nyamara, ngiye kubabwira ikintu, niba umunsi umwe icyo giti gishibutse ubwacyo ishami rishya, iryo ngiryo rizera irongi.

Kandi niba umunsi umwe Imbaraga y'Imana ibyaye irindi Torero. Rizaba indi Pantekote. Kandi igitabo cy'Ibyakozwe kizandikwa gishingiye kuri ibyo, ni ukuri, kubera ko ari Itorero ry'Imana.

72 Yesu yaravuze, ati "Ndi umuzabibu. Muri amashami. Ntimushobora kwera imbuto zanyu ubwanyu, ahubwo nzisuka ubwange mu ishami. » Kandi ni ubuhe bwko bw'imbuto ryeze ? « Dore ibimenyetso bizajyendana n'abizera. »

Itorero rya kabiri rizahaguruka, Umubiri w'ubwiru wa Kristo, rizaba rifite ibimenyetso bimwe. « Hasigaye igihe gito, kandi ab'isi ntibazongera kumbona ukundi. Ariko mwebwe, muzambona, kuko nzabana namwe, kandi ndetse no muri mwe ; muri buri shami, kugeza ku mperuka y'isi. » Yesu Kristo uko yari ari ejo niko ari uyu munsi, kandi niko azahora iteka ryose. Iryo niryo Torero ry'Imana nzima. Dore uwo ari ryo. Dore ubwoko bw'abahamya Afite.

73 None, kandi Itorero rigomba nanone kwigisha Umubatizo. Rigomba kubatizwa. Yari inshingano. Yesu yaravuze, aha muri Mariko 16 - tugiye gusa kuhifashisha : « Uzaba yizeye kandi akabatizwa azakizwa. » Nimwizere mbere na mbere, kandi hanyuma mubatizwe kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi muzakira impano y'Umwuka wera.

« Kandi Umwuka wera azaza nanone kuri … Izaba inyigisho y'Itorero. Kubw'ibyo, Yesu yaravuze, muri Luka 24:49. Ni hafi y'aho turi, none tuhafate rero, akanya gato, umurongo wa 49, aha. Twasomye imirongo ya 46 na 47. Twitegereze umurongo wa 49.

> *Kandi dore ngiye kubohereza Isezerano rya Data. Ariko mwe, mugume, cyangwa mutegereze (mugume, bishaka kuvuga "mutegereze") mu murwa wa Yerusalemu, kugeza ubwo muzambikirwa imbaraga zo mu Ijuru. [Bibiliya yasobanuwe na Darby]*

Niba Kristo ataremereye itsinda ry'abantu, bari baragendanye na we igihe cy'imyaka itatu n'igice, kujya kubwiriza Ubutumwa, cyangwa niba batarabashije kubwiriza Ubutumwa bwiza igihe batari bagategereza kwakira Umwuka wera, ni ngombwa ko Itorero ry'uyu munsi rikora kimwe: gutegereza kwakira Umwuka wera.

74 Nta gihe gishize, aho, nabwiraga umudamu w'umugatorika, muri Oregon, nuko yaravugaga, ati "None, ese murimo murambwira ko kariya gatsiko k'ibicucu kari kari hariya aho mwabwirizaga, bateraga urusaku, barira, n'ibindi, gutyo, ese murimo murambwira ko bazaba mu Ijuru, kandi bakazima mu Ijuru?"

Naravuze, nti "Nibyo, madamu."

Yaravuze, ati "None, twebwe, ntitwizera ibintu nk'ibyo."

Naravuze, nti "Ni ukubera ko mutizera Ijambo ry'Imana."

Nuko yaravuze, ati "Twizera ko Mariya adusabira."

Naravuze, nti "Ibyo rose ni ubupagani. »

Ntiyigeze na rimwe aba Imana y'Umugore. Ni umugore. "Nyina w'Imana," ni gute Imana yashoboraga kugira nyina?" "Ndakuramutsa Mariya, mubyeyi w'Imana" Yatwise Umwana w'Imana, Yesu Kristo. Ntamugore w'umuremyi ubaho. Ni Imana yaremye ubuzima. Ni inzira gusa yo - yo gukurikira ubusanzwe iyo Imana yashyizeho, kubwo kubyara abana. Ntabwo rwose ari Nyina w'Imana. Imana ntibasha kugira nyina kubera ko itigeze igira ryaba itangiriro ry'imunsi cyangwa iherezo ry'ubuzima (ubugingo). Ihoraho iteka ryose. Ntabasha ku Nyina w'Imana.

75 Naravuze, nti " Kandi niba nababwira ko umwari (umubikira) wanyu wahawe umugisha uwo mufata nk'Imana y'umugore, niba nababwira ko Imana itamwemereye kujya mu Ijuru, igihe cyose atitwaye nk'uko bariya bantu babikoze ejo k'umugoroba?"

Yaravuze, ati "Ntabwo ari ukuri."

Naravuze, nti « Mwambwiye ko ari itorero Gatorika ryanditse Bibiliya, intumwa, abo - muvuga ko bari Abagatorika ? Mpakanye ibyo. Itorero rybayeho imyaka magana atatu nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma, gusa nyuma y'inama nkuru ya Konsile y'i Nicee. Munyereke urupapuro (ipaje) rw'amateka, cyangwa icyo mushaka ; atari gatigisimu, kuko ntihura n'amateka. Ikintu nk'icyo ntikigeze na rimwe kibaho. » Nyamara, naravuze, nti « Mariya … Bibiliya ivuga ko Mariya, Nyina wa Yesu, n'abandi bagore, hamwe n'abantu ijana na makumyabiri, bose, byabaye ngombwa ko bazamuka ingazi zigana mu cyumba cyo hejuru, kandi ko buzuzwa Umwuka wera, kuburyo bajugumira bavugishwa nk'aho basinze, bavuga mu ndimi kandi bitwara nk'agatsiko k'abasinzi. Nicyo Bibiliya ivuga. » Nashyize urutoki rwanjye k'umurongo (ineruro yo muri Bibiliya). Ndavuga, nti « Wusome. »

Yaravuze, ati « Sinshaka kuwusoma. Singomba gusoma ibyo. »

76 Naravuze, nti « Ntabwo uri umunyakuri. Dore igice cy'Ibyanditswe aho Umwari Mariya yakiriye

Umwuka wera, kandi akavuga mu ndimi, kandi ajugumira nk'umugore w'umusinzi. None, niba ujya mu Ijuru, ntiwabasha kujyanayo na we, kuko we, byamusabye ko yakira Umwuka wera. Kandi niba byarabaye ngombwa ko abikora, kandi akaba ari nyina wa Yesu Kristo, ni kuburyo bungana iki mugomba kubikora ! »

Yaravuze, ati « Niba byasaba ko nja mu Ijuru, mfite ikintu nk'icyo, sinifuza kuba mu Ijuru. »

Naravuze, nti « Ntufite icyo wakora kubw'ibyo. Sinekereza ko uzajyayo, uko biri kose, muri icyo gicu urimi, keretse uhindutse. Sinekerezako ufite inyota nyinshi y'icyagukorerwa muri urwo ruhande. » Ni Umwuka w'Imana, ntagushidikanya.

77 « Nuko, uri umuhamya wanjye nyuma y'uko Umwuka wera aje kuri mwe. » None, bimeze bite ubu ? Ese ni iki tuvuga ? Ese ryo ni iki ? Ninde warishyizeho ? Kandi Ubutumwa bwaryo ni ubuhe ? None, kugira ngo twihute, kugira ngo dukomeze imbere nanone buhoro.

Ikintu cya kane. Niburyo ki duhinduka urugingo rwaryo? Ni buryo ki twifatanya na ryo? Turabona icyo ryo aricyo, none bimeze bite? Ni buryo ki twinjira muri iryo Torero? Ntimuriyoboka. Muryinjiramo kubwo kuvuka. Hshize imyaka mirongo itanu n'umwe mbarirwa mu muryango wa Branham, kandi sinifatanyije na rimwe n'umuryango. Ndi Branham wa kavukire. Kandi ni kubwo kuvuka muba Umuhungu w'Imana cyangwa Umukobwa w'Imana.

78 Dufate Yohana, igice cya gatatu, akanya gato, kandi turebe gato icyo Imana ibivugaho, aha. Niburyo ki twinjira muri iryo Torero? Ni iki gisabwa, icy Imana ibaha? Yohana igice cya 3, uhereye ku murongo wa 1 ukageza kuwa 8.

Ariko, hariho umuntu wo mu Bafarisayo witwaga Nikodemu, umutware wo mu Bayuda;

Uwo yasanze Yesu nijoro, nuko aramubira, ati “Mwigisha, tuzi y'uko uri Umwigisha wavuye ku Mana, … Ntamuntu wabasha gukora ibitangaza ujya ukora, keretse Imana iri kumwe na we.”

Yesu aramusubiza, ati “… ni ukuri, ndabikubwira, niba umuntu atavutse bundibushya …

… Ni ukuri, ndabikubwira, niba umuntu atavutse bundibushya, ntabasha kureba ngo abone Ubwami bw'Imana.

79 Ni buryo ki mubwinjiramo? Mubwinjiramo kubwo kuvuka. Dusome hirya cyane, ikibazo cyabonetse.

Nikodemu aramubwira, ati “Ni gute umuntu yabasha kuvuka igihe akuze? …

Murabona, byari iby'umubiri, ibyo: umwigisha, umuntu ukomeye, umutambyi, usheshe akanguhe, Wari warasomye Bibiliya ubuzima bwe bose.

… Yasubira munda ya nyina kandi akavuka?

Ibyo, nicyo kimwe na bamwe muri aba bigisha b'abanyabwenge twumva uyu munsi, siko biri?

Yesu arasubiza, ati “… ni ukuri, ndabikubwiye, niba umuntu atabyawe n'amazi … (ni buryo ki turyinjiramo?) … n'amazi n'Umwuka, ntabasha kwinjira mu bwami bw'Imana.

80 “Niba ataryinjiramo kubwo kuriyoboka (kwifatanya naryo)?” Ntimubasha kuryinjiramo kubwo kuriyoboka. Mugomba kuryinjiramo kubwo kuvuka. Atari “Ni muze muyoboke” Ni muze muvuke!

Icyabyawe n'umubiri ni umubiri kandi ikibyawe n'Umwuka ni Umwuka.

Ntutangazwe nuko nkubwiye nti “Ni ngombwa ko muvuka bundi bushya.”

Umuyaga uhuha aho ushaka … ntumenya uguhuha kwawo; ariko ntumenya aho uturuka cyangwa aho ujya. Niko bimeze ku muntu wese ubyawe n'Umwuka.

Murabona, ntimuriyoboka. Ni ikintu cy'ubwiru. Mwinjira kubwo kuvukira mu mubiri w'ubwiru wa Kristo. Dore uko muryinjiramo.

81 I Abakorinto igice cya 12. Twigire imbere rero nanone gato. Dushigaje ingongo nkeya tugiye kureba. Nifuzaga rwose ko nabasha kuzitanga, bishobotse. Niab mwifuza rwose … Nziko hashyushye, ariko dufate akanya, tubanzirize kuri iki.

I Abakorinto, igice cya 12 umurongo wa 13.

“Kubw'ibyo, ni kubwo agapfunsi kamwe k'ikiganza, kubwo umuhigo umwe. Mpize umuhigo wo kwizera Kiriziya ntagatifu y'i Roma. Ni muze mumfate ikiganza. Mushyire izina ryanyu mu gitabo. Ni ibaruwa imwe? Ni muze kubw'ibaruwa?” Birashoboka ko mwasoma ibyo munkoranya ya za karendari (z'ubuhanga bugenzura inyenyeri n'amasi) z'amasabukuru y'abagore bo mugisekuru cya zahabu, nyamara

ntimuzabisoma muri Bibiliya y'Imana. Nibyo mugenzi wanjye. Nibyo.

Dufite twese, kubw'ibyo, (twarayobotse? Twariyandikishije?) Twabatirijwe mu Mwuka umwe, kugira ngo tureme (idini rimwe?) Umubiri umwe, ariwo mubiri wa Kristo, baba Abayuda, baba Abagiriki, baba Imbata, baba ab'umudendezo kandi twabaye … Twese twuhiwe k'Umwuka umwe.

Ntabwo ari Umwuka wa kimetodisite, umwuka w'ikibatisita, umwuka wa gipantekote, ahubwo "Kubwo kuba Umwuka umwe, twese twabatirijwe muri iriya soko yuzuye amaraso."

Mu miyoboro y'amaraso ya Emanuweli,

Umunyabyaha wese yibira muri icyo kidendezi.

Akezwa icyaha cyose.

Igisambo cyari icyo gupfa kibaho mu munezero

Iyo soko y'Ubugingo ku munsi we;

Kandi nanjye mubi nka we,

Mbasha kogerezwamo ibyaha byanjye.

82 Umubiri umwe! Ni buryo ki twinjira muri uwo Mubiri? Ni gute tuwinjiramo? "Twabatijwe n'Umwuka umwe, kugira ngo tureme Ubiri umwe." Kandi igihe kimwe muri uwo Mubiri, twarabatuwe, Umuzuko ni ingwate (ntushidikanywaho), "Imana yashyize kuri we igicumuro cyacu twese." "Atari kubwo agapfunsi kamwe k'ikiganza, atari kubw'ibaruwa imwe y'Itorero," ahubwo "Kubw'Umwuka wera umwe: Abayuda, Abanyamahanga, Ab'uruhu rw'umuhondo, abirabura, abazungu, bose babatijwe n'Umwuka umwe kugira ngo haremwe Umubiri umwe, kubw' Amaraso y'Isezerano rye bwite ." "Kandi igihe nzabona amaraso, nzanyura kuri mwe." Kandi mwabohowe ingoyi z'urupfu, mubohorwa uburibwe, mubohorwa icyaha. "Uwabyawe n'Imana wese ntakora icyaha, kubera ko Imbuto y'Imana iguma muri we, kandi ntabasha gukora icyaha." Ntacyaha na kimwe. "Muba Abakiranutsi" nk'uko Data wo mu Ijuru akiranuka, Yesu niko yavuze. Ni buryo ki mwaba Abakiranutsi? Ntimwabibasha. Mwavukiye mu cyaha, mwasamwe mu gicumuro, mwaje mu isi muvuga ibinyoma. Ariko, igihe mwemeye Kristo nk'uwatwaye ibyaha byanyu, igihe mumwemeye, We, uwo, hato na hato, mwizera ko yabakijije, ko yapfuye mu cyimbo cyanyu, kandi akishyiraho ibyaha byanyu, icyo gihe Imana irabemera kandi iabinjiza mu Mubiri kubwo Umubatizo, kandi ntibasha kubona ukundi icyaha na kimwe. Nabasha nte kuba umunyabyaha, mu gihe hariho i - impongano kubwanjye, ku gicaniro?

83 Ni buryo ki umupolisi yabasha kumagarika mu mugi, mugihe amategeko y'umujyi ampa uburenganzira bwo kwiruka ku muvuduko nifuza ? Ntiwabasha kumagarika. Niba umuyobozi w'umujyi avuze, ati "Mwigisha Branham, mugiye gusura abarwayi. Mugende ku muvuduko mwifuza, muduce utwo aritwo twose," niba ampaye urupapuro rumesha uburenganzira kubw'ibyo, nta mupokisi Wabasha kumagarika. Kubw'ibyo, umuyobozi w'umugi amfitite icyizere, ko ntabikora ndetse hari icyihutirwa.

Kandi igihe Imana yanyemeye kandi ikambatirisha Umwuka wera, yangiriye icyizere, ko ntakora icyaha mbigambiriye. Amina!. Ko ntakora icyaha mbigambiriye. Niyo mpamvu Umwana wayo yabaye impongano mu cyimbo cyanjye, kandi simbasha kuba umunyabyaha, uhereye igihe natsindishirijwe, kandi akanyinjiza mu Mubiri We. Hamwe na We, naracunguwe. Ntabwo ari icyo ngwee nkora, ahubwo icyo We yakoze kubwanjye. Ibyo nibwo Butumwa bwiza.

84 Abefeso 4:30 havuga, ngo "Ntimuteze agahinda Umwuka wera w'Imana, uwo mwahsyiriweho kuba Ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu.

Ntagihe gishize, Umubwirizabutumwa w'Umubatisita w'ikirangirire yarambwiraga, yaravuze, ati "Mwenedata Branham, Aburahamu yizeye Imana kandi ibyo byatumye abarwaho gukiranuka. Ni iki yabasha gukora kirenze kwizera Imana? Yaravugaga, ati " Twizera ko twakiriye Imwuka wera igihe twizeye."

Naravuze, nti "Nyamara muri mu ikosa. Muby'ukuri muri mu ikosa. Pawulo yaravuze, mu Byakozwe n'intumwa 19, kuri bariya Babatisita bari bafite umushumba mwiza, aho, umuntu w'umunyamategeko wari warahindutse. » « Mwakiriye Umwuka wera uhereye igihe mwizereye ? »

Yaravuze, ati « Ntabwo aribyo bivugwa mubyanditse by'umwimerere. »

Naravuze, nti « Nibyo rwose bihavugwa. Mfite inyandiko yitwa « Empatic Diaglott. » Kandi rwose nibyo bivugwa munyandiko zose za Bibiliya zahinduwe, byaba mu Kigiriki cyangwa se mu Gihebulayo. Yaravuze, ati "Mwakiriye Umwuka wera kuva igihe mwatangiriye kwizera? Naravuze, nti "Aburahamu yarizeye, ni iby'ukuri. Ariko Imana yamuhaye ikimenyetso cyo gukebwa." Ni ukuri. Yari yamwemeye, kubera ko yamuhaye Ikimenyetso cyagarazaga ko yari yamwemeye.

Niba muvuga ko mwizeye, kandi mukaba mutarakira nanone Umwuka wera, Imana nanone ntirakabashyiraho Ikimenyetso. Ntabwo iragira nanone icyizere gihagije muri mwe kugira ngo Ibizere. Iyo muje ku Mana, Imana ibashyiraho Ikimenyetso cy'Umwuka wera kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu. Dore Ubutumwa bw'Itorero. Amina.

85 *Twigire imbere nanone gato. Ni byiza cyane. Nuko, I Abakorinto 12:13 "Mu mwuka umwe twese nimo twabatirijwe kugira ngo tureme Umubiri umwe."*

Ibyakozwe, - dore Uburyo bwo kuryinjiramo, dore igikorwa cyo gutangiza Itorero, nyuma y'umunsi wa Pantekote, bose buzuye Umwuka wera. Mariya, intumwa zose, bose, bujujwe Umwuka wera, bavuga mu ndimi bitwaraga muby'ukuri nk'agatsiko k'abantu basinze. Kandi ibyo byabaye mu by'ukuri ikintu, igihe bamaze aho, batera hejuru n'amajwi arenga kandi bahimbaza Imana, kandi bajugumira kubw'igikorwa cy'Umwuka wera. Uko byari bibamereye kose byaba kucyumweru, kuwambere, cyangwa undi munsi uwo ariwo wose. Byari bihebuje igihe bamaze aho, batera hejuru n'amajwi arenga n'ibindi. Nyamara a-abanyabwenge bakomeye, baravugaga, bati "Bariya bantu basinze vino y'Ihira.

86 Dore Petero ahagaze aho, imfunguzo z'Ubwami azifite iruhande rwe, imfunguzo zituma tugera ku Mwuak wera. Yesu yaravuze, ati "Njyewe, mvuze ko uri Petero, kuri iryo buye nzubaka Itorero ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora na hato. Ese icyo ni iki? Ukuri guhishuwe mu buryo bw'Umwuka. "Ntabwo ari inyama n'amaraso byaguhishuriye ibyo. Ntabwo wigeze wiga ibyo ntamba muri seminari. Ntawakwigishije akoresheje ibitabo. Ahubwo ni uguhishurirwa, urareba. Uguhishurirwa! Njyewe, njyewe mvuze ko uri Petero. Nguhaye imfunguzo z'Ubwami. Icyo uzahambira mu isi, nzagihambira mu Ijuru. Icyo uzahambura mu isi, nzagihambura mu Ijuru." Ningimbwa ko irinda Ijambo ryayo. Umunsi wa Pantekote, ninde wafashe Ijambo? Petero, kubera ko ariwe wari ufite imfunguzo.

87 Kandi barabasekaga, baravugaga, bati "Abantu bahaze vino y'ihira."

Petero yaravuze, ati "Ni isaha ya gatatu y'umunsi, aba bantu ntibahaze vino y'ihira. Ahubwo ibi ni ibyavuzwe n'Umuhanuzi Yoweli, ati "Mu minsi ya nyuma, Imana niko ivuga, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose. Abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura. Ku baja banjye n'imbata zanjye, nzabasukira ku Mwuka wanjye. Abagabo banyu bato bazagira amayerekwa. Abakambwe banyu bazarota. Kandi nzashyira ibimenyetso bigaragara hejuru mu ijuru no hasi ku isi. Nuko uwo ariwe wese uzambaza Izina ry'Umwami azakizwa."

Nyuma yo kumva ayo magambo, bacumiswe mu mutima, nuko babwira Petero n'izindi ntumwa, bati "Benedata twabasha gukora iki kugira ngo dukire?" Dore inshingano y'Itorero. None barifuza kumenya uburyo binjira muri uwo Mubiri w'ubwiru. Ni byiza cyane.

Ibyakozwe, igice cya 2, uhereye ku murongo wa 37; ikibwirizwa cyo gutangiza (Itorero). Ntimubasha kubihindura. Ntimubasha kubihindura.

Ni mwumve.

88 Niba umuganga wawe akwandikiye urupapuro ruguhesha kugura imiti, kandi ukarushyira umukozi wa farumasi, k'umukozi wa farumasi udasobanukiwe neza, murabizi, yabasha kubicisha urwo rupapuro. Murabona, umuganga yandika ingano y'umuti runaka, kubera ko yahawe ubumenyi muri ibyo. Akwandikira ingano runaka y'uburozi, kandi akongera kuri ibyo, umuti ugabanya ubukana, kugira ngo agabanye ingano runaka y'uburozi. Ni ngombwa ko ashyiramo ikintu runaka kugira ngo ahagarike ubukana bw'uriya nuti wundi. Kandi niba urwo rupapuro rwa muganga rutubahirijwe uko rwakabaye, nk'uko umuganga yarwanditse, bizabica.

89 Aho, Imana niyo muganga. Ni Muganga w'Ubugingo. Ni muganga utanga agakiza. Kandi yigishije umuntu muri tewologiya yayo bwite, Petero, umuntu utarize, utari unazi ndetse no gusoma izina rye aramutse aribonye imbere ye. Nyamara yamuhaye Umwuka wera, kandi yamuhaye ikaramu yandikisha inyigisho shingiro. Nuko, uminsi wa Pantekote, yanditse urupapuro rwa muganga. Turebe icyo yanditse, Muganga Simoni Petero, nimurebe urupapuro rwa Muganga rwanyu urwo ari rwo, kugira ngo mubone agakiza. Turebe intego yatumye rwandikwa.

Nyuma yo kumva ayo magambo, bacumitwa mu mutima, kandi babwira Petero n'izindi ntumwa, bati « Bagabo benedata, tugire dute ? »

(Witonde ni wowe ufite urufunguzo.) Petero arababwira, ati « Nimwihane, kandi umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, kuko kubabarirwa ibyaha byanyu ; kandi muzakira impano y'Umwuka wera.

Kubera ko Isezerano ari iryanyu, iry'abana banyu … iryo … abari kure, abo umubare munini nanone Umwami Imana yacu Izahamagara.

Dore Urwandiko rwa Muganga. Ntimuruhindure ; muzica umurwayi wanyu. Ibyo nibyo bibaho ku bantu

benshi bavuga « Data, Umwana n'Umwuka wera. » Bica abantu bemshi b'Umwuka, bavuwe nabi.

90 Ikintu nk'icyo ntikibaho. Nta muntu n'umwe wabatijwe na rimwe mu Izina rya « Data, Umwana, Umwuka wera,» muri Bibiliya. Umuhango nk'uwo ntiwigeze na rimwe ukoreshwa, mbere yo kubaho kw'itorero Gatorika. Ni itorero Gatorika, niryo nyina w'ibyo. Nimugenzure ibyanditswe. Nimushakashake mu mateka kugira ngo murebe. Inshuro ya mbere iyo mikorere ya « Data, Umwana n'Umwuka wera, » yakoreshajwe, yakoreshajwe n'umupadiri w'umugatorika.

Babaminjagiraho amazi. Ukumunjagira amazi ku bantu byatangijwe n'itorero Gatorika, « NYINA W'ABAMARAYA. » Dore ibyo byose, ni « imirimo y'ubumaraya .»

Muri gatigisimu, hatagira, hati « Ese birashoboka ko Umupodesitani akizwa ? » Haravugwa ngo «Rimwe na rimwe, birumvikana, baramutse bemeye inyigisho shingiro Gatorika.‟ Ntibazahitamo ibiri muri Bibiliya yabo. Babatiza mu izina rya ″Data, Mwana na Roho mutagatifu,‟ mu gihe badafite igice cy'ibyanditswe na kimwe cyo gushyigikira ibyo. Baravuga, bati ″ Nyamara ni itorero Gatorika ryatangije ibyo.‟ Kandi bo, barabyemera. ″Kuba barakurikiye imihango gatorika, ‟ Bamwe muri bo babasha gukira. Ikintu nk'icyo ntikibaho. Ntamuntu n'umwe wigeze na rimwe abatiza atyo. Ntamuntu n'umwe wigeze na rimwe na rimwe amisha amazi ku bantu, muri Bibiliya, cyangwa ngo akoreshe ubundi buryo usibye gucubiza miu mazi, mu Izina rya Yesu Kristo, kubwo kubabarirwa icyaha.

Ese ni iki tumaze gusoma mu kanya, kandi nkaba nababwiye ko ndibubigarukeho hanyuma ninze? “Ukwihana no kubabarirwa icyaha bigomba kubwirizwa mu Izina rya Yesu Kristo.” Nibyo? I Yerusalemu gusa ku Bayuda? “Amahanga yose, mu isi yose, uhereye i Yerusalemu.”

91 Nyamara, Muganga Simoni Petero yanditse urupapuro rw'imiti.

. Bite kuri mwebwe, abaganga, nimugerageze kwinjizamo ikintu runaka? Ntimwongereho ikintu na kimwe. Nimubifate uko biri. Ibyo niyo nshingano y'Itorero. Nigutyo mwinjiramo, “Mwihana ibyaha byanyu, kandi mubatizwa mu Izina rya Yesu Kristo. Kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, mufite isezerano ryo kuzakira Umwuka wera. Nyamara ibyo, nibyo Bibiliya ivuga.” Tubatirizwa kwinjira mu Itorero! Tubatirizwa kwinjira mu Itorero.

92 Dusomme Abagalatiya 3:26, akanya. Dushigaje kimwe, bibiri, ibintu bitatu, aha, nyuma yabyo biraza kuba ngombwa ko du - dusoza. None dusome aha, mu Bagalatiya, igice cya 3. Niba hari uwabonye igice mbere yanjye, mugisome. [Mushiki wacu atangira gusoma Abagalatiya 3:26 haragira, hati “Kuko mwese muri abana …” - N.D.E] Komeza. [ “Kubera ko mwese muri Abana b'Imana kubwo kwizera Yesu Kristo.”] Abagalatiya 3:26? [ “Nibyo nasomye.”]

Bibasha kuba ahari nabisomye, ntabwo byanditse nk'uko biri, hano, none. Bibasha kuba ari Abakolosayi. Dusome mu Bakolosayi. Njye - nzi aho nifuza kugera. Turebe niba ari Abakolosayi 3:26. Oya. Ntihariho ibice 3:26.

Ese ni iki, none? Abagalatiya 3:26? [Mushiki wacu aravuga, ati “Nibyo. -N.D.E] Dore, dore, ndahafite. Niko biri. Komeza gusoma, mushiki wacu Abagalatiya 3:26, dushingiye ko wari watangiye. Dore, nibyo, 26, 27 na 28. None nimwumve neza. [Mushiki wacu asoma Abagalatiya 3:26- 28, ku buryo bukurikira.]

Kubera ko mwese muri Abana b'Imana kubwo kwizera Yesu Kristo;

Mwebwe mwese, ababatirijwe muri Kristo, mwambaye Kristo.

Ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiriki, ntihakiriho imbata cyangwa uw'umudendezo, ntihakiriho umugabo cyangwa umugore; kubera ko mwese muri umwe muri Kristo.

Ni buryo ki twinjira muri uwo mubiri? Ni buryo ki twawinjiyemo? “Twabatijwe n'Umwuka, kubwo kwinjira mu Mubiri wa Yesu Kristo.”

93 None, ikindi kintu cy'Ubutumwa bw'Itorero; ni buryo ki twinjira mu Itorero, ni kubwo kwezwa. Kandi ukwezwa, Abaheburayo 13:12 na 13 hagira, hati “Yesu yababarijwe inyuma y'amarembo, kugira ngo yejeshe ubwoko Amaraso Ye bwite.”

None, Abefeso, tugifate. Icyo cyo ni ngombwa ko tugisoma. Abefeso 5:25, twihuta, aha. Abefeso 5:25. Ni byiza cyane. Niho turi, 5:25. Oya, nanone aho, simfite ahanyaho. Sinahanditse nk'uko biri, aha. Turebe gato. “Kubwo iyo mpamvu Ababwirizabutumwa n'Abihayimana (abapadiri) …” Ooh! Nibyo. Nanditse ibyo nihuta, mukanya, nuko ntibyankundiye kwandika ahakwiriye … Ooh, simfite ipaji y'urupapuro ikwiriye. Nibyo. Amina! Nibyo. Nibyiza cyane.

94 *Abaheburayo, 12 na 13 “Yesu yababarijwe inyuma y'amarembo, kugira ngo yejeshe ubwoko Amaraso Ye bwite.”*

Kubera iyo mpamvu, nshuti zanjye, dore uburyo twinjira mu Itorero: twihana, tubatizwa mu Izina rya

Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha byacu; kandi dufite Isezerano ko tuzakira Umubatizo w'Umwuka wera. Kubw'ibyo, ntihariho Umubwirizabutumwa n'umwe wabasha kutwinjiza mu kutubwiriza adukora ku mutima. Nntihariho umupadiri n'umwe Wabasha kutwinjiza kubw'umuhigo. Ahubwo tuhinjira kubw'ukuvuka, gukozwe n'Umwami w'Ubwami bwa Mesiya. Amina!

None, gusa iyingiyi, ese nshobora kuba mfite indi imwe (ingingo) . Dore icyo nari mfite. Nibangahe bajyiye gusigarana nanjye gusa iminota mike y'inyongera? Murabona? Gusa … Ni saa tatu n'igice, twarengeje isaha.

95 None, dushobora kujya mu Ijuru nta Torero? Ngiye gusa gutanga ibisobanuro bike kuri ibyo, kubera ko mfite neza impapuro cumi n'ebyiri zanditswe aha, nk'uko mubireba. Ariko njyewe - njye … Gusa ikintu, kugira ngo mumenye. Oya mugenzi wanjye. Ntimushobora kujya mu Ijuru mutari urugingo rw'iryo Torero.

Rero, mbere na mbere, muri Yohana 3:5, Yesu yaravuze, ati "Umuntu utabyawe n'amazi n'Umwuka!" ("Ni mwihane, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, nuko icyo gihe muzabyarwa n'Umwuka.") Ubyawe n'amazi, ubyawe n'Umwuka wera! "Niba umuntu atakira ibi, ntabasha ndetse no kwinjira mu Bwami bw'Ijuru." Ntabasha ndetse no kureba ngo abone Ubwami bw'Imana. Ese ibyo bifite icyo bivuze, kurimwe, ibyo? Nibyo rwose.

96 None, mwari muzi … Muravuga, muti "Ni byo, Mwenedata Branham, ndizera," none, nimwumve, "Kandi nta na rimwe nigeze nakira Umwuka wera." Oya, ntimwizera nanone. Mwizera kugira ngo mushyikire ukwizera. Mufite ibyiringiro.

Kubw'ibyo, mu Abakorinto, igice cya 12, kandi umurongo wa gatatu. Tuhafate twihuta, mugihe turi hafi rwose niba mubyifuza. I Abakorinto 12, igice cya 12 n'umurongo wa 3. Tugiye kuhareba twihuta kandi dusome ibyo, kugira ngo turebe icyo Umwami aduhishiye aha. I Abakorinto 12, ni byiza cyane, n'umurongo wa 3.

> *Niyo mpamvu, mbamenyesha ko, ari nta muntu, niba avugishijwe n'Umwuka w'Imana, wavuga, ati "Yesu ni ikivume! Kandi nta muntu Wabasha kuvuga, ati "Yesu ni Umwami" Atari kubw'Umwuka wera.*

97 Mutesha agaciro ibyo byose, igihe cyose mutari mwakira Umwuka wera. Muravuga, muti "Nemeye Yesu Kristo nk'Umwami wanjye bwite. "Mwakiriye Umwuka wera, uhereye igihe mwizereye? Niba mutaramwakira, nimubasha ndetse no kumwita Umwami, kubera ko atari Umwami (wawe). Ni ikiremwa cy'amateka icyo, kubwo kwizera, mwemeye. Nyamara igihe yinjiye muri mwe, kubw'Umwuka wera, ni Umwami wawe. Ntamuntu wabasha kwita Yesu "Umwami," niba atari kubw'Umwuka wera, igihe cyose mutabyawe n'Umwuka w'Imana, nuko Umwuka wera ntaba ari muri mwe. Niba ariko umeze, icyo gihe winjiye kubwo kuvukira mu Bwami, kandi uri mu bagize Itorero. Muri abahamagariwe gusohoka, icyo gihe. Murabona? Ni byiza cyane. Rero.

98 Ese ubuzima bushobora gusohoka mu mpeke y'ikigori, niba icyo kigori kidafite ubuzima muri cyo? Niba impeke z'ikigori zishyizwe mu butaka, kimwe gifite kororoka ikindi kidafite kororoka. Ikidafite kororoka, ese kizabasha kongera kubaho? [Iteraniro riravuga, riti "Oya" - N.D.E] Oya, ntibyashoboka rwose.Ntakiri muri yo. Byaba kubyerekeye imikoreshereze, kibasha gutanga nacyo ibyiza, nacyo cyatanga udutsima twiza tw'ibigori kimwe n'ikindi. Kizagira ukugaragara neza nacyo ugishyize hariya nk'ikindi. Nyamara kidafite ubuzima muri cyo, ntikibasha kongera kubaho.

Umuntu w'umunyamurava abasha kuba umuyoboke mwiza w'Itorero nk'umukristu. Umuntu w'umunyamurava abasha kuba umuturage mwiza nk'umukristu; umuntu w'umurava, umuntu w'imfura. Nyamara igihe apfuye, biba birangiye, keretse niba yarabyawe bundi bushya n'Umwuka w'Imana. Kubera ko ikintu cyose cyagize itangiriro, gifite iherezo.

99 Hariho gusa Imana niyo ihoraho. Rero, tuba agace k'Imana mu kwakira Ubugingo Bwayo. Yesu yaravuze, ati "Mbaha Ubugingo buhoraho." Ijambo ry'ikigiriki, aho, ni Zoe, rishaka kuvuga "Ubugingo ndetse bw'Imana." Kandi uburyo bumwe kuri mwe bwo kuzongera kubaho iteka, ni ukugira Ubugingo buhoraho, aribwo Bugingo bw'Imana. Kubera ko ubuzima bwanyu buzakurwaho. Ariko Ubugingo bwe buzazurwa, kubera ko Imana ihoraho iteka ryose. Kandi mufite Ubugingo buhoraho, ntimubasha … na hato gupfa nk'uko Imana itabasha gupfa. "Unyizera aba afite Ubugingo buhoraho, kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka, nzamuzura bundi bushya." Ubugingo buhoraho buri muri we buzamuzura.

100 None, tubasha kwinjira mu Ijuru tutari mu Itorero? Ntimubasha kuba mu Itorero igihe cyose mutavutse bundi bushya. Niba mwaravutse bundi bushya, muri mu Itorero. Rero, ntimubasha kujya mu Ijuru igihe cyose mutari urugingo rw'iryo Torero, Kandi ntimubasha kuba urugingo igihe cyose mutaryinjiyemo kubwo kuvuka.

Kandi none, ngiye kubabuza amahwemo gato: Nanone ntimubasha kuba urugingo, keretse Imana yarabahamagariye kuba urugingo. None, mbega ukuntu mwakagombye kunezererwa ibyo, kuko mwatoranijwe mbere yo gushyirwaho kw'imfatiro z'isi. Kandi izina ryanyu … Yoo! "Amazina yanyu

yanditswe mu gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama," Igitabo cy'Itorero, "Mbere yo gushyirwaho kw'imfatiro z'isi." Ibyo, ni Bibiliya. Bibiliya ivuga ko "Antikristo," amadini, itorero gatorika, hamwe n'andi madini, amadini " Azayobya abari ku isi bose, abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'Umwana w'intama mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi."

*Yesu yaravuze, ati " Abo Data yampaye bose bazaza kuri Njye."*

Ni amagambo Ye bwite. Ntabwo aricyo mwe mwakoze, ahubwo icyo We yakoze.

101 Dufate umunota kubwo kumvikanisha neza ibyo. Dufate Abefeso 1, twihuta. Nimwumve ibi. Aha ni Pawulo. None, byabaye ngombwa ko ateza intambwe iryo Torero ku ngingo y'ugutunganywa. Pawulo abwira ibi Abakristu. Ni bangahe. Ni bangahe hano b'abakristu? Nimuzamure ikiganza. byiza cyane. Ibi, si iby'abana bato (impinja). Ni ibyo - aha ni iby'ababasha kurya ibyokurya bikomeye. None, mu gice cya 1, nimwitegereze neza abo abwira biriya.

Pawulo intumwa ya Yesu Kristo Kubw'ubushake bw'Imana, … (atari kubwo kwimikwa yahawe n'Umwepisikopi (Musenyeri), atari kubw'idini.)

… intumwa (umuntu woherejwe) Kubw'ubushake bw'Imana, ku bera (ni ukuvuga abejejwe, cyangwa abadafite inenge) n'abiringirwa muri Kristo Yesu bari muri Efeso;

Ni bande abwira ibyo? Ni abamaze kugera mu Itorero. Iyo muri muri Kristo, muba muri mu Mubiri We, Sibyo ? Icyo gihe muba muri ingingo z'Itorero.

102 Ubuntu n'amahoro bibane namwe, biva ku Mana Data no ku Mwami Yesu Kristo!

Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ariyo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'Umwuka yo mu Ijuru;

Ni gute yakoze ibyo? Ese ni iki yakoze? Bari bageze kuri Yorodani. Bari barambutse bagera mu gihugi cy'Isezerano, kandi bari bicaye ahantu ho mu Ijuru muri Kristo Yesu. Dore, ni ibyo : « yaduhereye umugisha, hamwe, imigisha yo mu Ijuru, » inyigisho y'Ijambo ; mu gihe Itorero, abahamagariwe gusohoka, bari muri Yesu Kristo," nk'Itorero, igihe twavukiye muri Yesu Kristo. "Abahamagariwe gusohoka, bejejwe," ooh! Ra,ra! Umuntu yabasha kwigisha ikintu runaka. Kub'i Korinto, yari afite muby'ukuri ingorane nyinshi zo kubikora, ariko si kuri iryo Torero. Kuri bo, yabashaga kubigisha ibintu bikomeye. Ni byiza cyane.

103 Ishimwe ribe iry'Imana na Se w'Umwami wacu Yesu Kristo, yaduhereye imigisha yose … (Muribuka ubutumwa bwanjye bubiri buheruka?) … Umugisha wose w'Umwuka ahantu ho mu Ijuru muri Kristo Yesu

Ni mwumve. Ibi bigiye kubatera ikibazo, aho.

Nk'uko yadu (mu mpitagihe) yadutoranirije muri We …

"Mu materaniro ya nyuma y'ububyutse?" Ese nabisomye uko biri? [Iteraniro riravuga, riti "Oya." - N.D.E]

Nk'uko yadutoranirije muri We mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi, mbere y'isi, … (mwitegereze neza, aha) … mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi, kugira ngo tube abera n'abantu badafite umugayo imbere Ye mu rukundo,

Adu - te - gu - ri - ra - mbe - re …

Ese ni iki twakoze ? Ntacyo. Icyo We, yakoze, ni icyo ntumbira. Ni ryari yagikoze ? Yaradutoranije, yashyize amazina yacu mu Gitabo Cye ; mu Gitabo Cye cy'Itorero, kugira ngo tube ingingo z'uwo Mubiri w'ubwiru, uhereye mbere y'itangira ry'ukubaho kw'isi.

Kandi yaaduteguriye mbere na mbere kuduhindura abana bayo kubwa Yesu Kristo, kubw'ineza y'ubushake bwayo.

104 Yoo ! Bizaba ngombwa ko muba muri ririya Torero, Mwenedata, niba mwibwira kuzagerayo, kubera ko aje gushaka Itorero rye. Ni Itorero bwoko ki ? « Itorero ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari » Ni buryo ki tubasha kumera dutyo ? Dupfira muri Kristo, tubatizwa n'Umwuka kugira ngo twinjire mu Mubiri We w'ubwiru, kandi hamwe n'amaraso y'Umwana w'Imana ahinduka impongano ku bwacu, kuri buri saha y'umunsi « Tuzasangwe ntamugayo ,» dore Itorero ; « nta kizinga cyangwa umunkanyari. » Yadutoranyirije muri We, kandi yashyize amazina yacu mu Gitabo cye.

Bibiliya ivuga ko "Yesu Kristo yari Umwana w'intama watambwe …" Hashize imyaka igihumbi Magana acyenda? Ni ryari rero? " Umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi."

105 Igihe "Imana," muri Bibiliya, Ijambo , mu Itangiriro, Itangiriro igice cya 1. Haravuga, hati « Mbere na mbere, Imana … Dufate iryo zina Imana, mu Giheburayo, kandi tugiye kureba icyo ibyo bishaka kuvuga.

Ibyo byanditswe ngo El, Elah, Elohim, bishaka kuvuga « Uriho yihagije kubwe, Uriho yihagije, Ufite imbaraga. » Nta cyari kiriho mbere y'ibyo. Nta mwuka wari uriho. Ntihari hariho imibumbe. Ntihari hariho ubuhehere. Ntihari hariho - ntihari hariho ikirere. Ntihari hariho agashengu fatizo kamwe mu bigize agace fatizo k'ibigize ikiremwa. Ntihari hariho agace gato fatizo mu bigize ikiremwa. Nta kintu cyari kiriho mbere y'ibyo.Yari Imana, Uhoraho. Kandi muri Yo harimo ibyo Izakora : kuba Umukiza, kuba Data, kuba Imana. Aho ntiyari yakaba Imana, icyo gihe. Yari - yari Imana, ariko nta kindi cyari kiriho, nta kuramya na kumwe. Rero « Imana » ni « Ikintu cyo kuramywa, » kandi ntacyari kiriho cyabasha kuyiramya. Icyo gihe, hari hari muri Yo ibyo Izakora : kuba kiriya ; kuba Umukiza, kuba Uwukiza indwara ; kuba ibyo bintu byose Ibasha kuba byo.

106 Nuko rero, icyo yaremye, bwambere. None, bwamwe muri mwe barifuza kumenya icyo ndimo kuvuga kubyerekeye Itangiriro. Imana yaravuze, iti "Tureme umuntu." Icyo yaremye mbere, n'Abamarayika, kugira ngo bayiramye, naho yahindutse Imana. Hanyuma, igihe yavuze, iti "Tureme umuntu mu ishusho yacu," ni ubwoko ki bw'umuntu yaremye? Umuntu w'Umwuka. Nuko, igihe yaremye uwo muntu, yamuhaye ubutware. Hanyuma yaremye umuntu mu mukungugu wo hasi. Hanyuma yaraguye. Nuko Ihinduka Umukiza. Imana, hanyuma Umukiza. Icyaha cyabyaye uburwayi; nuko ihinduka Ikiza indwara. Aleluya! Ntihariho ikintu na kimwe kidatunganye. Yari iziz ibyo byose, mbere ndetse y'uko isi iremwa. Yari izi ko tuzagira iri teraniro, kuri uyu mugoroba. Yari izi buri kabu (umubu muto) kajyaga kuzaba kuri iyi si, n'ukuntu kazatanga imvubura, kandi ingano y'inshuro kajyaga guhumbaguza. Ni Imana idafite itangiriro n'iherezo. Izi ibintu byose. Amina! Ntimunezerewe, kuri uyu mugoroba ko izina ryanyu riri mu Gitabo ?

107 Mbega igitekerezo gihebuje ndimo kwitegereza

Cyerekeye igisiga kinini cy'amabara menshi

Bavuga ko izina ryacyo ryanditse

Ku mpapuro z'Ijambo ryera ry'Imana

Izindi nyoni n'ibisiga biteranira hamwe bikigose

Gisuzugurwa na zose.

Icyo gisiga cy'amabara menshi(gifite ibizinga), ese cyari iki? Simpamanya n'umuntu wavuga ko bitari ukuri. Igisiga cy'amabara menshi cyanditswe muri Bibiliya, ese cyari igiki ? Ntiyari Isirayeli nk'uko babivuze. Ryari Itorero rya Yesu Kristo.

Nk'igitambo cy'impongano, ni iki bakoraga ? Bafataga inuma y'intungura bagaca umutwe w'imwe bakayicurika, kandi bagakwirakwiza amaraso kuri ngenzi yayo nzima, hanyuma bakarekura ngenzi yayo. Kandi ngenzi yayo, yabaga icucagiwe amaraso y'ingabo yayo yapfuye, yaragendaga ikazenguruka isi, icucagira amababa yayo mu kuguruka. Nuko amaraso yatosaga isi atera hejuru agira, ati « Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka ! Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka ! »

108 Cyari igishushanyo cya Kristo. Kandi igisiga kinini cy'amabara menshi(gifite ibizinga), ni Itorero ,ryandujwe n'amaraso y'Umukunzi waryo wishwe, Umukiza, Yesu Kristo. Kandi rirazenguruka isi uyu munsi rikubita amababa, ritera hejuru rigira riti « Uwera, Uwera, Uwera ni Uwiteka ! » Amina ! Nejejwe cyane no kurimenya. Nejejwe cyane no kumenya ko izina ryange riri mu Gitabo cyaryo.Ryashyizwemo atari kubw'ubwiza bwanjye, - Oya mugenzi wanjye, njyewe sinajyaga kubibona na rimwe, - nta nubwo byajyaga kuba kubw'ubwiza bwanjye. Ahubwo kubw'ubwiza n;imbabazi by'Imana, Yo, mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi yashyize amazina yacu mu Gitabo cyayo.

109 Ni iki kiranga Itorero? Ese rigomba kuba iki ? Ese ryahoze ari iki ? Ese ubu ni iki? Ni itsinda ry'abantu ryahamagariwe gusohoka. Ninde warishyizeho? Yesu Kristo. Ntabwo ari Umwepisikopi(Musenyeri), ntabwo ari itorero gatorika, ntabwo ari Abametodisite, ntabwo ari Luther, ntabwo ari Wesley.Oya mugenzi wanjye. Ninde warishyizeho? Yesu Kristo. Ubutumwa bwaryo ni ubuhe? Ukwihana, umubatizo w'amazi, umubatizo w'Umwuka wera, ugukiza indwara kw'Imana, agakiza. Ni gute duhinduka ingingo? Turyinjiramo, kubwo kuvuka. Dushobora kujya mu Ijuru tutarifite? Oya mugenzi wanjye. « Kubera ko Imana izanana nawe abapfiriye muri Kristo », kandi nta muntu - nta wundi muntu usibye abapfiriye muri Kristo. Yesu azaza gushaka abapfiriye muri Kristo. Abefeso 4, igice, kivuga ko … Oya. Ndizera ko ari Abagalatiya, igice cya 4. Haravugwa ngo « Imana izazanana na We abapfiriye muri Kristo. Imana igiye kuzazanana nawe abapfiriye muri Kristo. »

110 Nuko, rero, ni itsinda ryahamagariwe gusohoka, Umubiri w'ubwiru. Kristo yarishyize muri gahunda. Mbere y'uko apfa, yavuze ko iryo ryajyaga kuza, yaravuze ati « Nzaza nk'Umwami kuri abo bantu.Hasigaye igihe gito, kandi isi ntizambona ukundi, ariko mwebwe, muzambona. Ntacyo muzaba mugihuriyeho n'Ubwami bw'isi. »

Ni kubw'ibyo bari mu rwijiji nka ruriya, rwiswe « Babuloni ». Umuntu aravuga ati « None Imana ishimwe, njyewe ndi Imupuresipiteriyene. Imana ishimwe, njyewe ndi Umumetodisite. Imana ishimwe

njyewe ndi …

Imana ishimwe, njyewe ndi umukristu. Amena. Nibyo. Ni iki kimenyesha ko ndi we? “Dore ibimenyetso bizagendana n'uwizera.” Murabona? Dore ngiyo, ikarita yanyu ibaranga. Ntabwo ari ukuvuga ngo “Mutegereze umunota, ndizera ko mfite ikarita yanjye y'ishyirahamwe.” Oya, njyewe, sinyifite. Iyanjye iri mu Ijuru. Nabasha kubura iyi y'aha ku isi. Ariko yarambwiye “Mbere yo kubaho kw'isi”, yampaye ikarita yanjye indanga; ku binjiye bose mu Bwami. Ibitswe mu ijuru kugirango ibitabo bibe byuzuye neza. Ndanezerewe cyane. Njyewe….

Umuntu yavuga ati “Nashatse Imana. Nashatse Imana.” Ibyo, bitandukanye na Bibiliya. Ni Imana niyo igushaka, kandi ntabwo ari mwebwe mushaka Imana. Imana yazengurutse ubusitani bwa Edeni ivuga ijwi rirenga iti “Adamu, uri he?” Ntabwo ari Adamu watakaka avuga ati “Mana, uri hehe?” Ni Imana yavugaga ijwi rirenga igira iti “Adamu, uri he?”

111 Ooh, nejejwe cyane no kuba urugingo rwaryo. Mwebwe si uko? [Itorero riravuga riti “Amina.” - N.D.E] Nejejwe no kuba hariho iryo Torero rigari. Mbabajwe n'uko nabatindije cyane. Ariko mwizeye iryo Torero rigari. [“Amina.”] Muraryizera? [“ Amina.”] Mwizera ko ari Umubiri w'ubwiru? [“Amina.”]

Nanone, mwebwe abagatorika, ikintu kimwe mufite gukora kugira ngo mube urugingo rwaryo, ni ukwemera Yesu Kristo nno kubyarwa n'Umwuka. Mwebwe Ababatista, mwebwe Abametodisite, Abapuresipiteriyene, Abaluteriyani, abo mwaba mu bo bose, nimwumve neza. Ntimutekereza ko ndi kuruhande rw'Abapantekote. Ni abataye umurongo b'Abapantekote, bo kimwe n'andi matorero. Nibyo rwose. Binjiramo gusa kubw'izina no guhamya kwa kidini. Nibyo. Kubyerekeye kubigira, ibyo, ntibabifite. Ni ukuri. Kubw'ibyo, igihe mubyawe n'Umwuka, muhinduka icyaremwe gishya, icyo gihe Imana itangira kugirana imishyikirano namwe, nk'abana bayo, kandi muba muyobowe n'Umwuka w'Imana. Idini ryose mwaba murimo, ibyo nta …Ibyo, ni ibintu gusa by'imiryango cyangwa amashyirahamwe y'iyi si, ibyo bizarangira. Ariko muri urugingo rw'uwo Mubiri mugari w'ubwiru wa Kristo? Niba atari ko bimeze, mwabasha kumwakira, kuri uyu mugoroba mugihe twunamishije umutwe, akanya gato kubwo gusenga.

112 Mugihe tugitekereza, muri aka kanya, ese aha haba hari, abifuza kuzamura ikiganza kubwo kuvuga bati “Yoo! Mana, nzamuye ikiganza nkerekeje kuri wowe mpinndura urugingo rw'iryo Torero, kuri uyu mugoroba. Mpa uko kuvuka kuzampesha gutunga ibyo. Warampamagaye, Mwami? None ndifuza kuba urugingo rw'iryo Torero. Mbarirwa muri rimwe muri aya madini y'isi, ariko sindagira uko guhindurwa. Simfite ububasha bwo kwirukana amadayimoni, no gukora ibyo bintu ibyo wavuze ko byajyaga kugendana n'uwizera. Ibyo, sindakabyakira, Mwami. Kandi wavuze ko ibinyetso bizagendana ...birashaka kuvuga ko uzabikora. Mpa ububasha, Mwami.”

113 Imana ibahe umugisha, Imana ibahe umugisha, namwe, namwe, mwese abari muri mwe bafite ikiganza kizamuwe. Imana ibahe umugisha, kandi ibahe ubwo bushobozi, bwo kuba urugingo rw'Itorero rigari, Itorero rya Yesu Kristo. Hari undi mbere y'uko dusenga? Imana ibahe umugisha, madamu ukiri muto. Imana ibahe umugisha, mushiki wacu. Imana ibahe umugisha. Ni ibyo, ndabona ibiganza byanyu abari inyuma. Imana ibahe umugisha, aha, ndabona ikiganza cyawe, mwana wanjye. Ndabona ibiganza byanyu, hano, mwenedata. Nibyo. Imana ibahe umugisha. Nawe, gakobwa kanjye, aho, umwangavu. Iguhe umugisha. Hari undi, muzamure gusa ikiganza. Imana ihe umugisha uriya mushiki wacu, wicaye aha. « Ndifuza kuba urugingo. Ndifuza kugira amaraso ye kuri njye, mugusohoka muri iyi nyubako kuri uyu mugoroba, kugirango mbashe gusubira yo kandi ko ubugingo bwanjye bwarangurura buti « Uwera, ni Uwiteka. » Imana iguhe umugisha, aho inyuma muhungu wanjye. Imana iguhe imigisha yayo. Hari undi, ubu, waba azamuye ikiganza ? Undi wavuga ati « Ooh, Mana, mbera umunyembabazi. »

Niba mufite umutima watuma muza imbere ku gicaniro, kubwo ijambo ry'isengesho, mugihe turirimba iyi ndirimbo. Nimuze, nimuze kuri Njye,

Abarushye, abaremerewe, nimuze kuri Njye.

Niba mutazi neza aho muri, ndabatumira kuza.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7